



***“Improving the access to social services for people
with Disabilities in Rwanda”***
2014-2016

URUTONDE RW'AMATEGEKO N'AMATEGEKO TEKA ARENGERA ABANTU BAFITE UBUMUGA MU RWANDA

Aka gatabo kakwirakwije n'Urugaga rw'Imiryango y'Abantu bafite Ubumuga mu Kurwanya Virusi itera SIDA no guteza imbere ubuzima (UPHLS) ku nkunga y'ikigega cy'Umuryango w'Abibumbye Gishinzwe guteza imbere Demukarasi (UNDEF) binyuze mu mushinga ***«Improving the access to Social services for People with Disabilities in Rwanda »***

Kigali, Kanama 2014

ISHAKIRO

Amasezerano mpuzamahanga ku burenganzira bw'abafite ubumuga	4
Itegeko n° 01/2007 ryo kuwa 20/01/2007 rirengera abantu bafite ubumuga muri rusange.....	41
Iteka rya minisitiri n° 01/2009 ryo kuwa 19/6/2009 rigena uburyo bwo korohereza abafite ubumuga gukora no gukurikirana ibikorwa by'umuco,imyidagaduron'imikino.....	49
Iteka rya minisitiri n° 01/cab.m/09 ryo kuwa 27/07/2009 rigena uburyo inyubako zitangirwamo serivisi zitandukanye zikorerwa abaturage zigomba kuba ziteye mu buryo bwo korohereza abafite ubumuga	52
Iteka rya minisitiri n° 01/cab.m/09 ryo kuwa 27/07/2009 rigena uburyo abafite ubumuga boroherezwa ingendo zabo za ngombwa mu gihugu	55
Iteka rya minisitiri n° 20/18 ryo kuwa 27/7/2009 rigena uko abafite ubumuga bashyirwa mu byiciro shingiro hakurikijwe ubumuga bwabo	58
Iteka rya minisitiri n°20/19 ryo kuwa 27/7/2009 rigena uburyo bwo korohereza abafite ubumuga mu kwivuza.....	61
Iteka rya minisitiri n° 03/19.19 ryo kuwa 27/7/2009 rigena uburyo bwo korohereza abafite ubumuga kubona umurimo.	64
Iteka rya minisitiri n° 01/09/mininfor ryo kuwa 10/08/2009 rigena uburyo bwo korohereza abafite ubumuga mu bijyanye n'itumanaho	67

AMASEZERANO MPUZAMAHANGA KU BURENGANZIRA BW'ABAFITE UBUMUGA

Ingingo ya 1

Intego

Intego y'aya Masezerano ni uguteza imbere, kurengera no guha uburenganzira bwa muntu busesuye n'ubwisanzure bw'ibanke abantu bose bafite ubumuga, no kubaha icyubahiro cyabo ndakuka.

abantu bafite ubumuga barimo abafite ubumuga bw'igihe kirekire bw'ingingo, bwo mu mutwe, bwo mu mitekerereze n'ibinyumvo. Hamwe n'izindi nzitizi, ubu bumuga bushobora gutuma batagaragaza uruhare rwabo mu muryango kimwe n'abandi.

Ingingo ya 2

Ibisobanuro by'amagambo akoreshwa

Muri aya masezerano:

“Uburyo bwo guhana amakuru” burimo indimi, inyandiko isanzwe, inyandiko isomwa n'abatabona, guhana ubutumwa hakoreshejwe intoki, inyuguti nini, ibitangazamakuru byanditse kimwe n'ibikoresha amajwi, imvugo isanzwe, uburyo bw'imashini yunganira mu itangwa ry'ubutumwa n'ubundi buryo bwose n'ibimenyetso bikoresha mu guhana amakuru, ubushobozi n'uburyo bunyuranye bunyuzwamo amakuru, harimo n'uburyo amakuru n'ikoranabuhanga mu itumanaho biggerwaho ku buryo bworoshye;

“Ururimi” rukubiyemo kuvuga cyangwa gukoresha ibimenyetso kimwe n'ubundi buryo bwo guhana amakuru utavuga.

“Ivangura rishingiye ku bumuga” bivuga gutandukanya, guheza cyangwa se kugira ibyo ubuza umuntu hashingiwe ku kuba amugaye, bigamije cyangwa bifite ingaruka zo gutubya cyangwa kuburizamo amahirwe yo kwemererwa, kubasha kwishimira cyangwa gukoresha, kimwe n'abandi, uburenganzira bwose n'ubwisanzure bw'ibanke muri politiki, mu bukungu, mu mibanire, mu muco, mu by'imbonezamubano ndetse no mu zindi nzego. Rrimo ivangura iryo ari ryo ryose, harimo no kudateganyirizwa ahabagenewe habaha umudendezo.

“Ahagenewe abafite ubumuga habaha umudendezo” bivuga ihindura n'ikosora bikenewe kandi bikwiriye bitagira uwo bibangamira, igihe bikenewe mu buryo bwhariye, kugira ngo abantu bafite ubumuga bashobore kwishimira no gukoresha ku buryo bungana kimwe nubw'abandi uburenganzira bwose bwa muntu n'ubwisanzure bw'ibanke;

“Imiterere y’ibantu ibereye bose” bivuga imiterere y’ibikoresho n’ibikorwa remezo, aho abantu baba, gahunda na serivisi bigenewe abantu bose mu buryo bwose bushoboka, bitabaye ngombwa ko hakorwa ihindurwa cyangwa imiterere idasanzwe. “Imiterere y’ibantu ibereye bose” ntigikuraho ubundi buryo bwo gufasha amatsinda yihariye y’abantu bafite ubumuga mu gihe bukenewe.

Ingingo ya 3

Amahame rusange

Amahame y’aya masezerano azaba:

- (a) Kubahiriza icyubahiro ndakuka, kwigenga k’umuntu ku gitи cye harimo ubwisanzure mu guhitamo, n’ubwigenge bw’abantu;
- (b) Kutavangura;
- (c) Kugira uruhare rusesuye no no kwisanga mu muryango mugari;
- (d) Kubaha ibyo abantu batandukaniyeho no gufata abantu bafite ubumuga nk’abagize urusobe rw’umuryango nyabantu;
- (e) Amahirwe angana
- (f) Kubasha kugera ku bikenewe;
- (g) Uburinganire hagati y’abagabo n’abagore;
- (h) Kubaha ubushobozi bw’abana bafite ubumuga no kubahiriza uburenganzira bw’abana bafite ubumuga kugumana inkomoko yabo n’ibibaranga.

Ingingo ya 4

Inshingano rusange

1. Ibihugu byashyize umukono kuri aya masezerano byiyemeje gusigasira no guteza imbere iyubahirizwa ryuzuye ry’uburenganzira bwose bwa muntu n’ubwisanzure bw’ibanze ku bantu bose bafite ubumuga nta vangura iryo ari ryo ryose rishingiye ku bumuga. Muri urwo rwego, ibi bihugu byiyemeje:

- (a) Gufata ingamba za ngombwa mu rwego rw’amategeko, urw’ubuyobozi n’izindi mu gushyira mu bikorwa uburenganzira bwemejwe muri aya masezerano;

- (b) Gufata ingamba zose zikwiye zirimo izo mu rwego rw'amategeko, mu guhindura cyangwa gukuraho amategeko, amabwiriza, imico n'imigirire iriho ikorera ivangura abantu bafite ubumuga.
- (c) Kwita ku kubahiriza no guteza imbere uburenganzira bwa muntu ku bantu bafite ubumuga mu ishyirwaho rya politiki zigenderwaho kimwe na za gahunda;
- (d) Kvirinda kugira uruhare urwo ari rwo rwose mu bikorwa cyangwa imigirire binyuranye n'ibiri muri aya masezerano no gukora ku buryo ubuyobozi n'ibigo bya Leta byubahiriza aya Masezerano;
- (e) Gufata ingamba zose za ngombwa mu gukuraho ivangura rishingiye ku bumuga ryakorwa n'umuntu, umuryango cyangwa ikigo cyigenga icyo ari cyo cyose;
- (f) Gutangiza no guteza imbere ubushakashatsi n'iterambere ry'imiterere y'ibintu ibereye bose, serivisi, ibikoresho n'ibindi bintu bikenewe nk'uko bisobanurwa mu ngingo ya 2 y'aya Masezerano, byasaba guhindurwaho gato kandi ku giciro cyo hasi kugira ngo ibikenewe n'abantu bafite ubumuga bishobore kuboneka, gukora ku buryo biboneka kandi bigakoreshwa, kimwe no guteza imbere imiterere y'ibintu ibereye bose mu ishyirwaho ry'ibipimo nimirongo ngenderwaho;
- (g) Gutangiza no guteza imbere ubushakashatsi n'iterambere ry'ikoranabuhanga no gukora ku buryo riboneka, harimo ikoranabuhanga mu itumanaho, gufasha abafite ubumuga bw'ingingo kwigenza, ikoranabuhanga rikora ibikoresho byunganira kandi bikwiriye abantu bafite ubumuga, guha umwanya wa mbere ikoranabuhanga rihendutse;
- (h) Guha amakuru ahagije abantu bafite ubumuga ku bikoresho bifasha abafite ubumuga bw'ingingo kwigenza, ikoranabuhanga rikora ibikoresho bibafasha harimo ikoranabuhanga rigezweho na serivisi n'ibindi bikoresho bitandukanye bibafasha;
- (i) Guteza imbere amahugurwa y'abahanga n'abakozi bakorana n'abantu bafite ubumuga mu burenganzira bwemejwe muri aya Masezerano, kugira ngo inkunga na serivisi byemejwe n'ubu burenganzira bishobore gutangwa neza kurushaho;
2. Ku byerekeranye n'uburenganzira ku bukungu, ku mibereho myiza no ku muco, buri gihugu cyashyize umukono kuri aya Masezerano gifata ingamba gishingiye ku bushobozi bwacyo ndetse no ku bufatanye mpuzamahanga igithe bikenewe mu kugera ku iyubahirizwa ry'ubu

- burenganzira mu buryo bwizuye, nta marangamutima ayo ari yo yose mu nshingano zikubiye muri aya masezerano zihite zishyirwa mu bikorwa ako kanya hashingiwe ku mategeko mpuzamahanga;
3. Mu gutegura no gushyira mu bikorwa amategeko na politiki hagambiriwe ikurikizwa ry'aya masezerano, no mu zindi gahunda zo gufata ibyemezo birebana n'ibibazo bireba abantu bafite ubumuga, ibihugu byashyize umukono kuri aya masezerano bizakorana cyane kandi bihe ruhare abantu bafite ubumuga, barimo abana, binyuze mu miryangi ibahagarariye.
 4. Nta kintu na kimwe kiri muri aya masezerano kigomba kubangamira ibindi byemezo bifasha mu kubahiriza uburenganzira bw'abantu bafite ubumuga bishobora kuba bikubiye mu mategeko y'igihugu cyashyize umukono kuri aya masezerano cyangwa se amategeko mpuzamahanga akoreshwa uri icyo gihugu. Nta kumirwa ku burenganzira runaka, ku bwisanzure bw'ibanze ku masezerano, amabwiriza, cyangwa se imico bisanzwe mu mategeko yubahirizwa mu gihugu cyanshyize umukono kuri aya masezerano, cyangwa ikurwaho ryabyo hitwajwe ko aya Masezerano atavuga kuri ubwo burenganzira cyangwa ubwo bwisanzure, cyangwa se abyemera ku rwego rwo hasi.
 5. Ibikubiye muri aya Masezerano bigomba kubahirizwa uko byakabaye mu bice byose by'ibihugu byunze ubumwe.

Ingingo ya 5

Uburinganire no kutavangura

1. Ibihugu byashize umukono kuri aya masezerano byemera ko abantu bose bareshya imbere y'amategeko kandi bakaba bagomba kurengerwa no gufashwa n'amategeko nta vangura iryo ari ryo ryose.
2. Ibihugu byashyize umukono kuri aya masezerano bigomba kubuza ivangura iryo ariryo ryose rishingiye ku bumuga no kwizeza abantu bafite ubumuga kurindwa ivangura iryo ari ryo ryose ku bw'amategeko abereye bose kandi ashyirwa mu ngiro.
3. Kugira ngo uburinganire butezwe imbere kandi ivangura rikurweho, ibihugu byashyize umukono kuri aya masezerano bigomba gufata ingamba za ngombwa kugira ngo ibikenewe ngo bisanzure biboneke.
4. Ingamba zihamye za ngombwa kugira ngo uburinganire ku bantu bafite ubumuga bwihutishwe kandi bugerweho ziri muri aya Masezerano ntizifatwa nk'ivangura.

Ingingo ya 6

Abagore bafite ubumuga

1. Ibihu byashyize umukono kuri aya masezerano byemera ko abagore n'abakobwa bafite ubumuga bakorerwa ivangura ku buryo butandukanye; muri urwo rwego bizafata ingamba kugira ngo nabo bagire uburenganzira busesuye bwa muntu n'ubwisanzure bw'ibanze mu buryo bungana.
2. Ibihugu byashyize umukono kuri aya masezerano bigomba gufata ingamba za ngombwa kugira ngo abagore batezwe imbere kandi bongererwe ubushobozi, kugira ngo bashobore kubona no gukoresha uburenganzira bwa muntu n'ubwisanzure bw'ibanze bubagenewe buvugwa muri aya Masezerano.

Ingingo ya 7

Abana bafite ubumuga

1. Ibihugu byashyize umukono kuri aya masezerano bigomba gufata ingamba kugira ngo abana bafite ubumuga bagire uburenganzira bwose bwa muntu n'ubwisanzure bw'ibanze mu buryo bungana kimwe n'abandi bana.
2. Mu bikorwa bigenewe abana bafite ubumuga, inyungu z'umwana ni zo zigomba guhabwa umwanya wa mbere.
3. Ibihugu byashyize umukono kuri aya masezerano bigomba gukora ku buryo abana bafite ubumuga bagira uburenganzira bwo kuvuga icyo batekereza ku bibareba mu bwisanzure, kandi ibitekerezo byabo bigahabwa agaciro bikwiye hashingiwe ku kigero cy'imyaka n'ubukure bwabo, mu buryo bungana kimwe n'abandi bana, kandi bagahabwa inkunga ikenewe hakurikijwe imyaka n'ubumuga bwabo kugira ngo ubwo burenganzira bugerweho.

Ingingo ya 8

Kuzamura imyumvire y'abaturage

1. Ibihugu byashyize umukono kuri aya masezerano bigomba guhita bifata ingamba za vuba, zifatika kandi zikwiye zo:

- (a) Kuzamura imyumvire y'abaturage, harimo no ku rwego rw'umuryango, ku birebana n'abantu bafite ubumuga no guteza imbere iyubahirizwa ry'uburenganzira n'icyubahio cy'abantu bafite ubumuga;
 - (b) Kurwanya ibitekerezo bipfuye, ibitekerano n'imigirire ibangamira abantu bafite ubumuga, harimo n'imigirire ishingiye ku gitsina n'ikigero cy'imyaka, mu nzego zose z'ubuzima;
 - (c) Kuzamura imyumvire ku bushobozi n'uruhare rw'abantu bafite ubumuga;
2. Ingamba zo muri uru rwego zrimo:
- (a) Gutangira no gukomeza amahugurwa agamije kuzamura imyumvire y'abaturage mu:
 - (i) Kumvisha abantu uburenganzira bw'abantu bafite ubumuga;
 - (ii) Guteza imbere imyumvire myiza no kwakira neza abantu bafite ubumuga;
 - (iii) Kurushaho gusobanurira abantu ubumenyi ngiro, ubushobozi n'ibyiza abantu bafite ubumuga bashobora kugeraho, ndetse n'uruhare rwabo aho bakorera no ku isoko ry'umurimo;
 - (b) Guteza imbere mu nzego zose z'uburezi no mu bana bose kuva bakiri bato, imyitwarire yubaha abana bafite ubumuga;
 - (c) Gukangurira inzego zose z'itangazamakuru kugaragaza abantu bafite ubumuga mu buryo buhuje n'intego y'aya Masezerano;
 - (d) Guteza imbere gahunda zo kuzamura imyumvire y'abaturage ku bantu bafite ubumuga n'uburenganzira bw'abantu bafite ubumuga;

Ingingo ya 9

Kubasha kugera ku bikenewe

1. Gufasha abantu bafite ubumuga kubaho ntawe bateze amaso kandi bakagira uruhare mu buryo bwuzuye mu nzego zose z'ubuzima, Ibihugu byashyize umukono kuri aya masezerano bigomba gufata ingamba za ngombwa kugira ngo abantu bafite ubumuga bashobore gukoresha, mu buryo bungana n'ubw'abandi, ibikenerwa biri aho baba, uburyo bwo gutwara abantu, amakuru n'itumanaho, harimo ikoranabuhanga mu itumanaho n'ibindi bikoresho na serivisi zigenewe cyangwa zihabwa

abantu bose, haba mu migi cyangwa mu byaro. Izi ngamba, zizaba zikubiyemo kugaragaza no gukuraho ingorane n'inzitizi zibabuza ubu burenganzira, zizubahirizwa, zimwe muri izo ni:

- (a) Inyubako, imihanda, ibikoreshwa mu gutwara abantu n'ibantu n'ibindi bikoresho byaba ibyo mu nzu cyangwa ibyo hanze harimo amashuri, amazu, ibikoresho byo kwa muganga n'aho abantu bakorera;
 - (b) Amakuru, Serivisi z'itumanaho n'izindi, harimo serivisi za gitoronike n'izo mu gihe cy'ingoboka;
2. Ibihugu byashyize umukono kuri aya masezerano bigomba gufata ingamba zikwiye kugira ngo:
- (a) Biteze imbere, bitangaze kandi bikurikirane ishyirwa mu bikorwa ry'amahame n'imirongo ngenderwaho igamije gutuma abafite ubumuga babona ibikoresho na serivisi zigenewe cyangwa zihabwa abantu bose muri rusange;
 - (b) Bikore ku buryo imiryango yigenga itanga ibikoresho na serivisi zigenewe cyangwa zihabwa abantu bose muri rusange yita ku buryo bwose bwatuma abantu bafite ubumuga babigeraho;
 - (c) Guha amahugurwa abafite uruhare muri ibi bikorwa ku byerekeranye n'uburyo abantu bafite ubumuga bashobora kugera ku byo bakeneye;
 - (d) Guteganya mu nyubako n'ibindi bikoresho ibimenyetso byanditse mu nyandiko ikoreshwa n'abatabona kandi mu buryo bworoshyia isoma kandi bwumvikana;
 - (e) Gushyiraho uburyo bw'ubwunganizi, harimo abayobora, abantu basoma n'abasobanuzi bazobereye mu mvugo ikoresha ibimenyetso, kugira ngo bafashe abamugaye gukoresha inyubako n'ibindi bikoresho bigenewe abantu bose muri rusange;
 - (f) Guteza imbere ubundi bwoko bw'inkunga no gufasha abantu bafite ubumuga kubona amakuru bakeneye;
 - (g) Kurushaho gufasha abantu bafite ubumuga kubona amakuru n'ikoranabuhanga mu itumanaho rigezweho, harimo na interineti;
 - (h) Guteza imbere ikorwa, iterambere, isohorwa n'ikwirakwizwa ry'amakuru n'ikoranabuhanga mu itumanaho hakiri kare, kugira ngo iryo koranabuhanga n'ubwo buryo biboneke ku giciro gito.

Ingingo ya 10

Uburenganzira ku buzima

Ibihugu byashyize umukono kuri aya masezerano byonngeye kwemeza ko umuntu wese afite uburenganzira ndakuka ku buzima kandi bigomba gufata ingamba zikwiye kugira ngo abantu bafite ubumuga bagire ubwo burenganzira kimwe n'abandi bose.

Ingingo ya 11

Ibihe bishobora kubyara impanuka no kugobokwa byihutirwa

Ibihugu byashyize umukono kuri aya masezerano bigomba gufata, bishingiye ku nshingano bifite mu rwego rw'amategeko mpuzamahanga, harimo amategeko mpuzamahanga arengera umuntu, ingamba zose za ngombwa zo kurengera no kurinda abantu bafite ubumuga igihe bari mukaga, harimo igihe cy'intambara, igihe bakeneye ubutabazi bwihutirwa n'igihe cy'ibiza.

Ingingo ya 12

Kureshya imbere y'amategeko

1. Ibihugu byashyize umukono kuri aya masezerano byongeye kwemeza ko abantu bafite ubumuga bafite uburenganzira bwo kwemerwa ahantu hose nk'abantu imbere y'amategeko.
2. Ibihugu byashyize umukono kuri aya masezerano byemera ko abantu bafite ubumuga bafite ubushobozi kubw'amategeko ku buryo bungana kimwe n'abandi bantu mu nzego zose z'ubuzima.
3. Ibihugu byashyize umukono kuri aya masezerano bigomba gufata ingamba za ngombwa mu gufasha abantu bafite ubumuga kubona inkunga bakeneye kugira ngo bagire ubushobozi bahabwa n'amategeko.
4. Ibihugu byashyize umukono kuri aya masezerano bigomba gufata ingamba zose ku bijyanye n'ikoreshwa ry'ubushobozi butangwa n'amategeko ku buryo habaho gukumira ko ubwo bushobozi bwakoreshwa binyuranyije n'ibiteganywa n'amategeko mpuzamahanga ku burenganzira bwa muntu. Uko gukumira bizafasha kugira ngo ingamba zose zerekanye no gukoresha ubushobozi butangwa n'amategeko zubahirize uburenganzira, ubushake n'amahitamo y'abantu

zidashingira ku nyungu cyangwa ngo zihindurwe n'umuntu runaka, zigashyirwaho hashingiwe ku bihe umuntu arimo, zigakurikizwa mu gihe gito gishoboka kandi zigakorerwa igenzura rya buri gihe n'umuntu cyangwa urwego rw'ubutabera rubifitiye ubushobozi, rwigenga kandi rutabogama. Uku gukumira kuzajyana n'uburyo izi ngamba zigira uruhare ku burenganzira n'inyungu z'abantu.

5. Hashingiwe ku bivuzwe muri iyi ngingo, Ibihugu bashyize umukono kuri aya masezerano bigomba gufata ingamba zikwiye kugira ngo abantu bafite ubumuga bagire uburenganzira bungana n'ubw'abandi ku kugira cyangwa kuragwa umutungo, kugenzura ibikorwa byabo bibyara inyungu no kugira uburenganzira ku nguzanyo z'amabanki, ingwate n'ubundi bwoko bw'inguzanyo, kandi bigomba gukora ku buryo abantu bafite ubumuga batamburwa umutungo wabo mu buryo bunyuranije n'amategeko.

Ingingo ya 13

Guhabwa ubutabera

1. Ibihugu byashyize umukono kuri aya masezerano bigomba kwemerera uruhare ku butabera abantu bafite ubumuga mu buryo bungana n'ubw'abandi bantu, harimo kurengerwa mu mategeko no guhabwa ibyo bakenera bijyanye n'imyaka bagezemo, kugira ngo boroherewe kugira uruhare haba mu buryo buziguye cyangwa butaziguye, mu kuba baba abagabo mu nkiko, mu bikorwa bibanziriza imanza birimo igihe cy'iperereza kimwe n'ibindi bizitegura.
2. Mu gufasha guha ubutabera abantu bafite ubumuga, Ibihugu byashyize umukono kuri aya masezerano bigomba guteza imbere amahugurwa ku bakora mu nzego zitanga serivisi z'ubutabera harimo inzego za polisi n'abakora mu magereza.

Ingingo ya 14

Umudendezo n'umutekano bya muntu

1. Ibihugu byashyize umukono kuri aya masezerano bigomba gukora ku buryo abantu bafite ubumuga, mu buryo bungana n'ubw'abandi bantu:
 - (a) Bagira uburenganzira ku mudendezo n'umutekano bya muntu;
 - (b) Batamburwa umudendezo wabo mu buryo bunyuranije n'amategeko cyangwa ku gitugu, kandi kwamburwa uyu mudendezo uko ari ko kose kukaba kugomba gukurikiza amategeko, kandi kuba umuntu amugaye ntibibe urwitwazo rwo kumuvutsa uwo mudendezo.
2. Ibihugu byashyize umukono kuri aya masezerano bigomba gukora ku buryo mu gihe abantu bafite ubumuga bagomba kwamburwa umudendezo wabo, bikorwa mu nzira zemewe kimwe n'abandi bantu, hashingiwe ku mategeko mpuzamahanga agenga uburenganzira bwa muntu, kandi bagafatwa mu buryo bujyanye n'intego n'amahame y'aya masezerano, harimo gushyirwa ahantu umuntu abasha kwihanganira.

Ingingo ya 15

Uburenganzira bwo kudakorerwa iyicarubozo, imigirire cyangwa ibihano bya kinyamaswa cyangwa bitesha agaciro

1. Nta muntu n'umwe ugomba gukorerwa iyicarubozo, imigirire cyangwa ibihano bya kinyamaswa cyangwa bitesha agaciro. Mu buryo bw'umwihariko, nta muntu uzakorerwaho ubushakashatsi mu rwego rw'ubuvuzi cyangwa rwa gihanga keretse abyihitiyemo atabihatwi.
2. Ibihugu byashyize umukono kuri aya masezerano bigomba gufata ingamba mu rwego rw'amategeko, urw'ubuyobozi n'urw'ubutabera n'izindi kugira ngo birinde, mu buryo bungana n'ubw'abandi, abantu bafite ubumuga iyicarubozo, imigirire cyangwa ibihano bya kinyamaswa cyangwa bitesha agaciro.

Ingingo ya 16

Umudendezo wo kutagirwa ibikoresho no kudahohoterwa

1. Ibihugu byashyize umukono kuri aya masezerano bigomba gufata ingamba mu rwego rw'amategeko, urw'ubuyobozi n'urw'ubutabera n'izindi kugira ngo birinde abantu bafite ubumuga, haba mu ngo no hanze yazo, uburyo bwose bwo kugirwa ibikoresho n'ihohoterwa, harimo n'irishingye ku gitsina.
2. Ibihugu byashyize umukono kuri aya masezerano bigomaga gufata ingamba zikwiye kugira ngo birwanye uburyo bwose bwo kugirwa ibikoresho no guhohoterwa, zrimo inkunga ku bafite ubumuga bahohoterwa kubera igitsina n'imyaka yabo, imiryango yabo ndetse n'ababitaho, kubaha amakuru n'inyigisho ku buryo bwo kwirinda, kumenya no kugaragaza imigirire yo kugira abantu ibikoresho no kubahohotera. Ibihugu byashyize umukono kuri aya masezerano bigomba gukora ku buryo serivisi zo kubarengera zita ku myaka, ku gitsina no ku kuba urengerwa afite ubumuga.
3. Kugira ngo hirindwe uburyo bwose bwo kugira abantu ibikoresho no kubahohotera, Ibihugu byashyize umukono kuri aya masezerano bigomba gukora ku buryo ibikoresho n'ibikorwa remezo na gahunda byashyizweho ngo bifashe abantu bafite ubumuga bikurikiranwa n'inzego zitafite aho zibogamiye.
4. Ibihugu byashyize umukono kuri aya masezerano bigomba gufata ingamba za ngombwa mu gufasha abantu bafite ubumuga kongera gusubirana ingingo zabo, imyumvire n'imitekerereze yabo, no kongera gusubiza mu buzima busanzwe abantu bafite ubumuga bagize ibyago byo kugirwa ibikoresho cyangwa guhohoterwa, binyuze mu kubaha serivisi zo kubarengera. Ubu buryo bwo kubasubiza mu buzima busanzwe bugomba kubera ahantu hateza imbere ubuzima, imibereho, kwigirira icyizere no kwiyubaha, icyubahiro no kwhihaza kwa muntu kandi hajyanye n'ibyo umuntu akeneye bitewe n'igitsina ndetse n'imyaka ye.
5. Ibihugu byashyize umukono kuri aya masezerano bigomba gushyiraho amategeko na politiki birimo amategeko na politiki zita ku bana n'abagore, kugira ngo ibikorwa byo kugira ibikoresho no guhohoterwa abantu bafite ubumuga bigaragazwe, bikorerwe ipererezza kandi bigezwe mu nkiko igihe bibaye ngombwa.

Ingingo ya 17

Kurengera ubusugire bwa muntu

Buri muntu ufile ubumuga afite uburenganzira bwo kurindirwa ubusugire bwo ku mubiri no mu mutwe mu buryo bungana n'ubw'abandi.

Ingingo ya 18

Umudendezo ku gutembera no ku bwenegihugu

1. Ibihugu byashyize umukono kuri aya masezerano bigomba kwemera ko abantu bafite ubumuga bafite uburenganzira bwo gutembera, bwo guhitamo aho batura n'ubwenegihugu mu buryo bungana n'ubwa'abandi, mu gukora ku buryo abantu bafite ubumuga:
 - (a) Bagira uburenganzira bwo guhabwa no guhindura ubwenegihugu, kandi ntibamburwe ubwenegihugu bwabo ku gitugu cyangwa hashingiwe ku kuba bafite ubumuga;
 - (b) Batamburwa, hashingiwe ku kuba bafite ubumuga, ubushobozzi bwabo bwo kubona, gutunga no gukoresha ibyangombwa bigaragaza ubwenegihugu bwabo cyangwa ibindi byangombwa bibaranga, cyangwa se gukoresha inzira zemewe nk'iz'abinjira n'abasohoka, zaba zikenewe mu kumufasha gukoresha uburenganzira bwe ku mudendezo wo gutembera;
 - (c) Bagira uburenganzira bwo kuva mu gihugu icyo ari cyo cyose harimo n'icyabo;
 - (d) Batamburwa uburenganzira bwo kwinjira mu gihugu cyabo ku gitugu cyangwa hashingiwe ku kuba bafite ubumuga;
2. Abana bafite ubumuga bagomba kwandikwa bakimara kuvuka kandi bafite uburenganzira bwo guhita bahabwa izina, ubwenegihugu kandi mu gihe cyose bishoboka, bafite uburenganzira bwo kumenya no kurerwa n'ababyeyi babo.

Ingingo ya 19

Kubaho ntawe bateze amaso no kuba mu muryango

Ibihugu byashyize umukono kuri aya masezerano byemera uburenganzira bungana bw'abantu bose bafite ubumuga bwo kuba mu muryango, bakagira amahitamo angana n'ay'abandi, kandi bigomba gufata ingamba zikwiye mu gufasha abantu bafite ubumuga gukoresha ubu burenganzira no kugira uruhare rukwiye mu muryango, bikora ku buryo:

- (a) Abantu bafite ubumuga bagira amahirwe yo guhitamo aho batura n'abo babana mu buryo bungana n'ubw'abandi, kandi badategekwa kubaho ubuzima runaka bwhariye;
- (b) Abantu bafite ubumuga bashobora kubona serivisi zibafasha mu ngo, aho batuye, zirimo gufasha abantu ku giti cyabo kuba no kwibona mu muryango, no kubuza ikumirwa cyangwa ivangura mu muryango;
- (c) Serivisi, ibikoresho n'ibikorwa remezo bigenewe abantu muri rusange biboneka ku buryo bungana ku bantu bafite ubumuga kandi bikaba bihuje n'ibyo bakeneye.

Ingingo ya 20

Gushobora kwigenza

Ibihugu byashyize umukono kuri aya masezerano bigomba gufata ingamba zikwiye kugira ngo abantu bafite ubumuga babebo ntawe bateze amaso, zirimo izikurikira:

- (a) Gufasha abantu bafite ubumuga kwigenza ku buryo n'igihe babishakiye kandi ku giciro gito;
- (b) Korohereza abantu bafite ubumuga uburyo bwo kubona inkunga, ibikoresho, ikoranabuhanga ribafasha n'uburyo butandukanye bwo kubafasha no kubunganira mu mwanya bakeneyemo nkunga, harimo no gukora ku buryo biboneka ku giciro gito;
- (c) Gutanga amahugurwa ku buryo bwo kwigenza ku bantu bafite ubumuga no ku nzobere zikorana n'abantu bafite ubumuga;
- (d) Gushishikariza ibigo bitanga inkunga n'ibikora ibikoresho bifasha mu kwigenza kwita ku miterere yose y'uburyo bwo kwigenza ku bantu bafite ubumuga.

Ingingo ya 21

Ubwisanzure bwo kuvuga icyo umuntu atekereza no kubona amakuru

Ibihugu byashyize umukono kuri aya masezerano bigomba gufata ingamba zikwiye kugira ngo abantu bafite ubumuga bashobore gukoresha uburenganzira bwo kuvuga icyo batekereza, harimo n'uburenganzira bwo gushaka, kwakira no gutanga amakuru n'ibitekerezo ku buryo bungana n'ubw'abandi binyuze mu nzira zose z'itumanaho bahisemo, nk'uko bikubiye mu ngingo ya 2 y'aya masezerano, bunyize mu:

- (a) Guha abantu bafite ubumuga amakuru agenewe abantu bose muri rusange binyuze mu nzira n'ikoranabuhanga rikwiranye n'ubumuga butandukanye mu gihe gikwiye kandi bitongereye igiciro cyayo;
- (b) Kwemera no koroshy ikoresha ry'imvugo ikoresha ibimenyetso, inyandiko y'abatabona, itumanaho rifite akarusho kandi ryasimbura iridakwiriye uwamugaye, n'izindi nzira zitandukanye z'itumanaho abamugaye bihitiyemo mu biganiro n'amanaama yo mu butegetsi;
- (c) Gusaba ibigo byigenga bitanga serivisi ku bantu bose muri rusange, harimo n'ibizinyuza kuri interineti, gutanga amakuru na serivisi mu buryo zigerwaho kandi zigakoreshwa n'abantu bafite ubumuga;
- (d) Gushishikariza ibitangazamakuru, birimo n'abatanga amakuru kuri interineti, gukora ku buryo serivisi zabyo zigerwa kandi zigakoreshwa n'abantu bafite ubumuga.
- (e) Kwemera no guteza imbere imvugo ikoresha ibimenyetso.

Ingingo ya 22

Kutinjirirwa mu buzima bwite

1. Nta muntu ufile ubumuga, aho yaba atuye n'uko yaba abaho kose, uzinjirirwa mu buzima bwite, mu muryango cyangwa mu mabaruwa yandkirana n'abandi cyangwa ubundi buryo bw'itumanaho bikozwe ku gitugu cyangwa mu buryo budakurikije amategeko, cyangwa se kubangamira icyubahiro n'agaciro ke mu buryo bunyuranije n'amategeko. Abantu bafite ubumuga bafite uburenganzira bwo kurindwa n'amategeko uku kwivanga n'iyi migirire.
2. Ibihugu byashyize umukono kuri aya masezerano bigomba kurinda

ibanga ku makuru yerekeye ubuzima na gahunda zo gusubizwa ibyo yambuwe n'ubumuga y'umuntu ku giti cye ku bantu bafite ubumuga, ku buryo bumwe n'ubw'abandi.

Ingingo ya 23

Kubaha urugo n'umuryango

1. Ibihugu byashyize umukono kuri aya masezerano bigomba gufata ingamba zikenewe kandi zikwiye zo gukuraho ivangura rikorerwa abantu bafite ubumuga mu bintu byose birebana no gushyingirwa, umuryango, kugira abana n'imibanire kimwe n'uko bikorerwa abandi, kugira ngo:
 - (a) Uburenganzira bw'abantu bafite ubumuga bageze igithe cyo gushyingirwa ku gushaka no guhangwa umuryango hashingiwe ku cyemezo bifatiye cyo gushyingiranwan'ubo bashakabwubahirizwe;
 - (b) Uburenganzira bw'abantu bafite ubumuga bwo kwihitiramo umubare n'uburyo bazakurikiranya abana no kubona amakuru ajyanye n'imyaka bagezemo, inyigisho zijiyanje n'imyororokere no kuringaniza imbyaro bwubahirizwe, kandi uburyo bubafasha gukoresha ubu burenganzira buboneke;
 - (c) Abantu bafite ubumuga, harimo abana, bakomeze kugira ubushobozzi bwabo bwo kubyara kimwe n'abandi.
2. Ibihugu byashyize umukono kuri aya masezerano bigomba kubahiriza uburenganzira n'inshingano z'abantu bafite ubumuga ku byerekeranye no kurinda abana, kurera abana, gucunga abana, kwakira abana n'ibindi bigo bikora imirimbo nk'iyo aho biteganijwe mu mategeko y'ighugu; mu buryo bwose, inyungu z'umwana ni zo zihabwa umwanya wa mbere. Ibihugu byashyize umukono kuri aya masezerano bigomba gufasha mu buryo bukwiye abantu bafite ubumuga mu nshingano zabo zo kurera ku bana.
3. Ibihugu byashyize umukono kuri aya masezerano bigomba gukora ku buryo abana bafite ubumuga bagira uburenganzira bungana ku buzia bw'umuryango. Mu kubahiriza ubu burenganzira no kurwanya ihishwa, itabwa, isuzugurwa n'ivangura rikorerwa abana bafite ubumuga, Ibihugu byashyize umukono kuri aya masezerano bigomba kwiyemeza guha amakuru yuzuye, serivisi n'inkunga abana bafite ubumuga n'imiryango yabo hakiri kare.

4. Ibihugu byashyize umukono kuri aya masezerano bigomba gukora ku buryo umwana adatandukana n'ababyeyi be atabishaka, keretse inzego zibifitiye ubushobozi zimaze gukora igenzura mu butabera zemeje, mu buryo n'inzira bikurikije amategeko, ko iryo tandukana ari ngombwa kugira ngo inyungu z'umwana zirengerwe. Nta na rimwe umwana agomba gutandukanwa n'ababyeyi be kubera ubumuga bwe, bw'umwe cyangwa ubw'ababyeyi bombi.
5. Ibihugu byashyize umukono kuri aya masezerano bigomba gukora uko bishoboye bigashaka ubundi buryo umwana ufite ubumuga yakwitabwaho mu muryango wisumbuye, igihe umuryango avukamo udashobora kumwitaho; ibyo bidashobotse, yakwitabwaho mu muryango mugari.

Ingingo ya 24

Uburezi

1. Ibihugu byashyize umukono kuri aya masezerano byemera uburenganzira bw'abantu bafite ubumuga ku burezi. Mu rwego rwo kubahiriza no gushyira mu bikorwa aya masezerano nta vangura kandi hashingiwe ku mahirwe angana, ibihugu byashyize umukono kuri aya masezerano byiyemeje gushyiraho uburezi kuri bose ku nzego zose no ku myaka yose bugamije:
 - a) Gukora ku buryo abantu bakuza impano zabo, kwiha agaciro no kwifasha, no gukomeza kubahiriza uburenganzira bwa muntu, ubwisanzure n'urusobe rw'umuryango nyamuntu;
 - (b) Gukora ku buryo abantu bafite ubumuga bigirira icyizere, bateza imbere no kubyaza umusaruro impano zabo no kugira ubushobozi bwo kuvumbura ibishya; bateza imbere ubushobozi bwabo mu bijanye n'ubwenge n'imbaraga bakoresheje imbaraga zabo zose;
 - (c) Gufasha abantu bafite ubumuga kugira uruhare rugaragara mu muryango wisanzuye.
2. Mu rwego rwo kubahiriza ubu burenganzira, ibihugu byashize umukono kuri aya masezerano byiyemeje gukora ku buryo:

- (a) Abantu bafite ubumuga badahezwa muri gahunda y'uburezi rusange hashingiwe ku bumuga, n'abana bafite ubumuga badahezwa mu burezi bw'ibanze kuri bose kandi butngwa nta kiguzi, cyangwa mu burezi bwisumbuye hashingiwe ku miterere y'ubumuga umuntu afite;
- (b) Abantu bafite ubumuga bashobora kugera ku burezi bw'ibanze n'ubwisumbuye buboneye kandi butangwa nta kiguzi mu buryo bungana n'ubw'abandi Bantu babana mu muryango mugari
- (c) Hagomba kubaho uburyo bunoze bwo kwita kubyo buri wese akenera;
- (d) Abantu bafite ubumuga bagomba guhambwa inkunga bakenera, mu rwego rwa gahunda rusange y'uburezi, kugira ngo babashe guhabwa uburezi buboneye kandi buhamye;
- (e) Hagomba kubaho ingamba zihamye zo gutanga inkunga zihariye bigakorwa mu buryo butuma habaho iterambere rihamye ry'uburezi n'ubuzima rusange hashyirwa imbere intego yo kwita ku Bantu bose nta vangura.
3. Ibihugu byashyize umukono kuri aya masezerano byiyemeje gufasha abafite ubumuga kwiga imyuga itandukanye ibafasha kugira uruhare rusesuye kandi rungana n'urw'abandi mu burezi no kugira uruhare nk'abagize umuryango muri rusange. Muri urwo rwego, ibihugu byashyize umukono kuri aya masezerano byiyemeje gufata ingamba ziboneye, zirimo:
- (a) Kubafasha kwiga uburyo bukoreshwa n'abatabona bwa Braille, ubundi buryo bwabagoboka, ububongerera ubushobozi bw'ingingo z'umubiri n'ubundi biyambaza aho kongera ubushobozi bidashobotse, ububafasha guhana amakuru no kubasha kwiyobora no kugenda, no gufasha abafite ubumuga gufashanya no kuyoborana hagati yabo;
- (b) Kubafasha kwiga ururimi rw'amarenga no guteza imbere akaranga k'iwigandimi ry'umuryango w'abafite ubumuga bwo kutumva;
- (c) Kwita ku burezi bw'abantu, cyane cyane abana, bafite ubumuga bwo kutabona, kutumva cyangwa batumva kandi ntibabone, bugatangwa mu ndimi, uburyo, n'ubundi buryo bw'ihanamakuru biboneye hakurikijwe ibyo buri muntu akeneye, bigakorwa kandi ahantu hatuma ubwenge n'uburere bw'uwiga butera imbere mu buryo buhamye.

4. Mu rwego rwo gufasha mu ishyirwa mu bikorwa n'iyubahirizwa ry'ubu burenganzira, ibihugu byashyize umkono kuri aya masezerano byiyemeje gufata ingamba ziboneye zo guha akazi abarimu, harimo n'abrimu bafite ubumuga, bafite ubumenyi mu rurimi rw'amarenga na/cyangwa Braille, no guhugura abahanga n'abakozi bakora ku nzego zose z'uburezi. Ayo mahugurwa yibanda ku ngingo zo gukangurira abantu ibijyanye n'ubumuga no ku ikoreshwa ry' uburyo bw'umwihariko bwo guhererekanya amakuru, bwaba uwongera ubushobozzi bw'ingingo z'abamugaye cyangwa ubundi bw'ingoboka, tekniki n'ibikoresho by'uburezi byo gufasha abafite ubumuga.
5. Ibihugu byashyize umukono kuri aya masezerano byiyemeje gukora ku buryo abafite ubumuga bagira uruhare ku burezi rusange mu mashuri makuru, amashuri y'imyuga, uburezi ku Bantu bakuze no kwiga igihe cyose nta vangura kandi bakagira amahirwe angina n'ayabandi Bantu bose. Muri urwo rwego, ibihugu bishyize umukono kuri aya masezerano byiyemeje gukora ibisabwa byose kugira ngo abafite ubumuga babashe kugira amacumbi aboneye.

Ingingo ya 25

Ubuzima

Ibihugu byashyize umkono kuri aya masezerano byemera ko abafite ubumuga bafite uburenganzira ku rwego rwo hejuru rw'ubuzima nta vangura rishingiye ku bumuga. Ibihugu byashyize umkono kuri aya masezerano bigomba gufata ingamba zose ziboneye kugira ngo abafite ubumuga babone serivisi z'ubuzima zerekeranye, harimo n'ibijyanye n'ubuzima bwo kwita ku bumuga. By'umwihariko, ibihugu bigomba:

- (a) Guha abafite ubumuga serivisi z'ubuzima n'ubuvuzi buboneye nta kiguzi na gahunda z'ubuzima kimwe n'ibitangwa ku bandi Bantu bose, harimo ibyerekeranye na gahunda z'ubuzima bw'ibitsina n'imyororokere na gahunda z'ubuzima rusange bw'abaturage;
- (b) Gutanga izo serivisi z'ubuzima zikenerwa n'abafite ubumuga cyane cyane bitewe n'ubumuga bwabo harimo kubabarura hakiri kare no kubitaho biboneye, no gutanga serivisi zigenewe kugabanya no kwirinda ubundi bumuga, byose bigakorerwa mu bana n'abakuze;
- (c) Gutanga izi serivisi z'ubuzima hafi y'imiryango y'abafite ubumuga mu buryo bushoboka bwose, harimo no mu cyaro;

- (d) Bisaba abahanga mu by'ubuzima gutanga serivisi z'ubuvuzi ku bafite ubumuga kimwe n'abatabufite; muri zo twavuga gukangurira abantu uburenganzira bwa muntu, icyubahiro cya muntu, ubwigenge n'ibyo abafite ubumuga bakenera hifashishijwe amahugurwa no gukangurira abantu amahame y'ubuvuzi bwa leta n'ubw'abigenga;
- (e) Gukumira no kwirinda ivangura rikorerwa abafite ubumuga hashyirwaho ubwisungane bw'ubuzima, n'ubwiteganyirize bw'ubuzima aho ubwo bwiteganyirize buteganwa n'itegeko, bigomba gutangwa mu buryo buboneye kandi bufatika;
- (f) Kwirinda ivangura rishingiye ku kwima abafite ubumuga ubuvuzi cyangwa serivisi z'ubuzima cyangwa ibiribwa n'ibinyobwa hashingiwe ku bumuga.

Ingingo ya 26

Guhabwa ubushobozni no Kwita ku bumuga

1. Ibihugu byashyize umukono kuri aya masezerano byiyemeje gufata ingamba nyazo kandi zihamye harimo gufasha abafite ubumuga gufashanya hagati yabo, gufasha abafite ubumuga kugira ubwigenge busesuye, kugira imbaraga n'ubuzima buzira umuze, imbaraga zo mu mutwe, kugira ubushobozni mu muryango no mu bijyanye n'imyuga, no kwemererwa kugira uruhare mu nzego zose z'ubuzima. Muri urwo rwego, Ibihugu byashyize umukono kuri aya amasezerano bigomba gushyiraho no gukomeza gahunda na serivisi zihamye zo kwita by'umwihariko ku buzima bw'abafite ubumuga, cyane cyane mu bijyanye n'ubuzima, umurimo, uburezi na serivisi zo mu buzima rusange ku buryo izo serivisi na gahunda:
 - (a) Zitangirira ku rwego rwo hasi rushoboka, zikaba kandi zishingiye kuri gahunda rukomatanyo y'isesengura ry'ibyo buri muntu akeneye n'ingufu afite;
 - (b) Zituma abafite ubumuga bagira uruhare kandi bibona mu muryango n'inzego zose zumuryango mugari zikaba iz'ubukorerabushake kandi zikaba zegereye abafite ubumuga mu miryango yabo; twavuga nk'ibice byo mu byaro.
2. Ibihugu byashyize umukono kuri aya masezerano bigomba guteza imbere uburezi/amahugurwa y'ibanze n'amahugurwa y'igihe cyose agenewe abahanga n'abakozi bakora muri serivisi zijyanye no kwita ku buzima bw'abafite ubumuga.

3. Ibihugu byashyize umukono kuri aya masezerano bigomba gukora ku buryo ibikoresho n'ikoranabuhanga bifasha byagenewe abafite ubumuga biboneka, abo bigenewe bakabimenza, bakanamenya uko bikoreshwa, kuko bijyanye no kwita ku buzima bwabo.

Ingingo ya 27

Akazi n'umurimo

1. Ibihugu byashyize umukono kuri aya masezerano byemera uburenganzira bw'abafite ubumuga bu bijyanye n'umurimo, mu buryo bumwe n'abandi. Harimo uburenganzira ku mahirwe yo gushaka imibereho akora akazi yihitiyemo mu bwisanzure cyangwa kemewe ku isoko ry'umurimo akorera ahantu hisanzuye, ahurira n'abandi kandi abafite ubumuga bashobora kugera no gukorera. Ibihugu byashyize umukono kuri aya masezerano byiyemeje kwita no guteza imbere ishyirwa mu bikorwa n'iyubahirizwa ry'uburenganzira ku murimo, harimo abagira ubumuga mu gihe bakora umurimo, hafatwa ibyemezo biboneye, binyujijwe mu itegeko, Muri ibyo twavuga:

- (a) Kubuza no gukumira ivangura rishingiye ku bumuga ku byerekeranye n'ubwoko bwose bw'umurimo, harimo uburyo bwo guhitamo abakozi, gutanga akazi n'umurimo, gukomea akazi, kuzamurwa mu ntera y'akazi n'uburyo buboneye kandi bufite umutekano ku kazi;
- (b) Kubungabunga uburenganzira bw'abafite ubumuga, mu buryo bumwe n'abandi, hakorwa ibishoboka mu gutunganya no gushyiraho uburyo bw'umurimo bunoze, harimo amahirwe angana n'ighembo kingana ku murimo ufite agaciro kangana, uburyo bw'umurimo buboneye kandi butanga umutekano, harimo kurinda abantu itotezwa no kwita ku byifuzo by'abakozi;
- (c) Gukora ku buryo abafite ubumuga bashobora gukoresha uburenganzira bwabo ku bijyanye n'umurimo n'amashyirahamwe arengera uburenganzira bw'abakozi mu buryo bumwe n'abandi;
- (d) Gufasha abafite ubumuga kugira uruhare rugaragara muri gahunda zigamije gutanga umurongo w'imyuga na tekini, serivisi zo gushyira abantu mu byiciro, n'amahugurwa y'imyuga ahoraho;
- (e) Gushyiraho no guteza imbere amahirwe y'umurimo no kuzamurwa mu ntera kw'abafite ubumuga ku isoko ry'umurimo, n'inkunga mu gutanga imfashanyo, kubona, kugumana no gusubira ku murimo kazi;

- (f) Kongera amahirwe yo kwihangira umurimo, kuba rwiyemezamirimo, gushinga amakoperative no kwihangira ubucuruzi;
 - (g) Guha akazi abafite ubumuga mu mirimo bwite ya Leta;
 - (h) Guteza imbere imirimo y'abafite ubumuga muri gahunda y'abikorera hifashishijwe politiki n'ingamba zirimo gahunda z'ibikorwa zemewe/ziboneye, gutanga agahimbazamusyi n'izindi ngamba;
 - (i) Gukora ku buryo abafite ubumuga bafatwa neza aho bakorera akazi;
 - (j) Korohereza abafite ubumuga kugira uburambe mu kazi mu isoko ry'umurimo risesuye;
 - (k) Gufasha abafite ubumuga kugira uruhare rufatika mu bikorwa by'imyuga n'ibindi by'umwuga, kuguma ku kazi, no gusubira ku kazi.
2. Ibihugu byashyize umukono kuri aya masezerano bigomba gukora ku buryo abafite ubumuga badakoreshwa imirimo y'ubucakara, barindwa, mu buryo bumwe n'abandi, imirimo y'agahato cyangwa babwirijwe.

Ingingo ya 28

Imibereho myiza iboneye no kurengerwa mu muryango mugari

1. Ibihugu byashyize umukono kuri aya masezerano byemera ko abafite ubumga bafite uburenganzira bwo kugira ubuzima buboneye kuri bo ubwabo no ku miryango yabo, harimo indyo iboneye, imyambaro n'icumbi biboneye; bafite na none uburengazira bwo kugira imibereho y'ubuzima iboneye buri gihe. Ibyo bihugu bigomba kandi gushyiraho ingamba zihamye zo kwita no kubahiriza ubu burenganzira nta vangura iryo ari ryo ryose rishingiye ku bumuga.
2. Ibihugu byashyize umukono kuri aya masezerano byemera byemera uburenganzira bw'abafite ubumuga bwo kugira umutekano mu buzima rusange kandi ubwo burenganzira bukubahirizwa nta vangura rishingiye ku bumuga. Bigomba gufata ingamba ziboneye zo kwita no gushyira mu bikorwa ubu burenganzira. Muri izo ngamba harimo:
 - (a) Gukora ku buryo abafite ubumuga bagira uruhare rungana n'urw'abandi kuri serivisi z'amazi meza, serivisi ziboneye kandi zigera kuri bose, ibikoresho n'izindi nkunga zigamije kwita ku byo abafite ubumuga bakeneye;

- (b) Gukora ku buryo abafite ubumuga, cyane cyane abagore n'abakobwa bafite ubumuga, abasheshe akanguhe bafite ubumuga, bagira uruhare muri gahunda zigamije imibereho myiza no gahunda zo kurwanya ubukene;
- (c) Gukora ku buryo abafite ubumuga hamwe n'imiryango yabo baba mu bukene babona inkunga ya Leta yerekerye no gufasha abafite ubumuga. Muri iyo nkunga harimo amahugurwa, ubujyanama, inkunga y'amafaranga no kwitabwaho ku bw'ubuzima;
- (d) Gufasha abafite ubumuga kugira inyungu muri gahunda y'imiturire rusange;
- (e) Gukora ibishoboka byose kugira ngo abafite ubumuga babone ibiteganywa muri gahunda n'inyungu zo kuva ku murimo kubera iza bukuru

Ingingo ya 29

Kugira uruhare muri politiki no mu buzima rusange

Ibihugu byashyize umukono kuri aya masezerano bigomba guha abafite ubumuga uburenganzira mu bijyane na politiki n'amahirwe yo kubona ibijyanye nabwo mu buryo bumwe n'ubw'abandi. Bigomba:

- (a) Gukora ku buryo abafite ubumuga bagira uruhare rugaragara kandi rusesuye muri politiki no mu buzima rusange mu buryo bumwe n'ubw'abandi, mu buryo butaziguye cyangwa hifashijiwe uguhitamo gusesuye kw'bahagarariye abandi; aha twavuga uburenganzira n'amahirwe by'abafite ubumuga bwo gutora no gutorwa cyane cyane:
 - (i) Bikora ku buryo gahunda z'amatora, aho agomba gukorerwa n'ibikoresho bigomba kuba biboneye kandi bishobora gukoreshwa mu buryo bworoshye kandi bikaba byumvikana neza;
 - (ii) Kwita ku burenganzira bw'abafite ubumuga bwo gutora mu ibanga mu gihe cy'amatora no mu matora ya kamarampaka nta guterwa uwoba, uburenganzira bwo kwiyamamaza igihe cy'amatora, bwo kugira umwanya mu butegetsi bagakora imirimo rusange ku nzego zose za Leta, bagahabwa ibikoresho n'ikoranabuhanga riboneye ribafasha mu mirimo yabo aho bikenewe;

- (iii) Gukora ku buryo abafite ubumuga bagira ubwisanzure mu matora, muri urwo rwego iyo bibaye ngombwa, babisabye, bagomba gufashwa mu gihe cyitora n'umuntu bihitiyemo;
- (b) Gushyiraho uburyo buboneye bufasha abafite ubumuga kugira uruhare rusesuye kandi ruboneye muri gahunda z'ighugu nta vangura, bigakorwa mu buryo bumwe n'ubw'abandi;; kubakangurira kugira uruhare muri gahunda z'ighugu, harimo:
 - (i) Kugira uruhare mu miryango n'amashyirahamwe ategamiye kuri Leta afite gahunda ziyyanye na politiki n'ubuzima rusange by'ighugu, no mu bikorwa n'imiyoborere y'imitwe ya politiki;
 - (ii) Gushinga no kuba abanyamuryango b'imiryango y'bafite ubumuga ku rwego mpuzamahanga, rw'ighugu, rw'akarere ndetse n'urw'ibanze.

Ingingo ya 30

Uruhare mu by'umuco, imyidagaduro na siporo

1. Ibihugu byashyize umukono kuri aya masezerano byemera uburenganzira bw'abafite ubumuga bwo kugira uruhare rumwe n'urw'abandi mu bikorwa by'umuco; bigomba gushyiraho ingamba zihamye kandi ziboneye ku buryo abafite ubumuga:
 - (a) Babona bitabagoye ibitabo/inyandiko/ibikoresho birebana n'iby'umuco ku buryo babyumva
 - (b) Bagira ubushobozi bwo kureba televiziyo, filimi, ikinamico n'ibindi bikorwa bijyanye n'umuco, mu buryo buboneye
 - (b) Gufasha no kubaka ubushobozi, hifashishijwe ihanahana no gusangira amakuru, inaribonye, gahunda z'amahugurwa n'ibyiza abandi bagezeho;
 - (c) Korosha ubufatanye mu bushakashatsi no kugera ku bumenyi mu by'ubuhanga na tekiniki;
 - (d) Gutanga, mu buryo buboneye, inkunga yo mu rwego rwa tekiniki n'ubukungu, harimo korohereza abantu kubona no guhanahana ikoranabuhanga rifasha, no gukwirakwiza ikoranabuhanga kugira ngo rifashe abantu mu nzego zitandukanye.

2. Ibibugwa muri iyi ngingo ntibibangamira inshingano za buri Gihugu cyashyize umukono kuri aya masezerano zo gushyira mu bikorwa aya masezerano.
 - (c) Boroherezwa kugera aho serivisi n'ibikorwa by'umuco bikorerwa, aha twavuga nk'aherekanirwa amakinamico, amazu ndangamurage, aho berekanira amafilimi, inzu z'ibitabo na serivisi z'ubukerarugendo; by'umwihariko bagahabwa ubushobozi bwo kugera ku nyubako n'ahandi hantu hose hafite agaciro mu rwego rw'umuco.
2. Ibihugu byashyize umukono kuri aya masezerano bigomba gushyiraho ingamba ziboneye zo gufasha abafite ubumuga kugira amahirwe yo guteza imbere no gukoresha impano zabo zo guhimba, z'imyuga y'ubugeni n'iz'ubumenyi, ntibibe gusa ku nyungu zabo bwite, ahubwo bikaba ku nyungu z'umuryango mugari muri rusange.
3. Ibihugu byashyize umukono kuri aya masezerano bigomba gushyiraho ingamba zihamye, hakurikijwe amategeko mpuzamahanga, ku buryo amategeko arengera uburengazira bw'abahanzi ataba inzitizi zidasobanutse cyangwa intandaro y'ivangura yatuma abafite ubumuga batabasha kugera ku bikoresho byo mu rwego rw'umuco.
4. Abafite ubumuga bagomba kugira uburenganzira, bumwe n'ubw'abandi, ku kwemerwa no gushyigikirwa kw'ibibaranga ku bw'umuco n'ururimi, nk'ururimi rw'icamarenga n'umuco w'abatumva.
5. Mu rwego rwo gufasha abafite ubumuga kugira uruhare, mu buryo bumwe n'ubw'abandi , mu bikorwa by'imikino n'imyidagaduro, ibihugu byashyize umukono kuri aya masezerano bigomba gushyiraho ingamba zihamye zo:
 - (a) Guteza imbere no gushishikariza abafite ubumuga kugira uruhare rusesuye mu bikorwa bya siporo ku nzego zose;
 - (b) Gukora ku buryo abafite ubumuga bagira amahirwe yo gutegura, guteza imbere no kugira uruhare mu bikorwa bya siporo n'imyidagaduro bigenewe abafite ubumuga, na none muri urwo rwego, gukora ku buryo habaho, mu buryo bumwe n'ubw'abandi, amasomo akwiriye, amahugurwa n'ibindi bikenewe;
 - (c) Gukora ku buryo abafite ubumuga babasha kugera ahantu habera siporo, imyidagaduro n'ubukerarugendo;

- (d) Gukora ku buryo abana bafite ubumuga bagira uruhare rumwe n'urw'abandi bana mu bikorwa by'imikino, imyidagaduro n'ibindi byo kwishimisha harimo ibikorwa bikorwa muri gahunda z'amashuri;
- (e) Gukora ku buryo abafite ubumuga babona serivisi zitangwa n'abategura ibikorwa by'imyidagaduro, by'ubukerarugendo, byo kwishimisha n'ibya siporo.

Ingingo ya 31

Ibarurishamibare n'ikusanya ry'ibyegeranyo

1. Ibihugu byashyize umukono kuri aya masezerano byiyemeje gukusanya amakuru nyayo harimo amakuru arebana n'ibarurishamibare n'ay'ubushakashatsi, mu rwego rwo gukora no gushyira mu bikorwa politiki zituma aya Masezerano ashirwa mu bikorwa. Uburyo bwo gukusanya no kwifashisha aya makuru bugomba:
 - (a) Kubahiriza amabwiriza yashyizweho kandi yumvikanyweho harimo amategeko agenga ubusugire bw'amakuru, kugira ngo habeho kugirirwa ibanga no kubahiriza ubuzima bwite bw'abafite ubumuga;
 - (b) Kubahiriza amahame mpuzamahanga ngenderwaho mu kwita ku burenganzira bwa muntu , uburenganzira bw'ibanze n'amahame nyamwuga agenderwaho mu gukusanya no gukoresha ibarurishamibare.
2. Amakuru yakusanyijwe hakurikijwe ibivugwa muri iyi ngingo agomba kwitabwaho mu buryo buboneye no gukoreshwa mu rwego rwo gufasha mu isuzuma ry'ishyirwamubikorwa ry'ibyo ibihugu byashyize umukono kuri aya masezerano bisabwa gukora no kugaragaza no gushakira umuti imbogamizi abafite ubumuga bahura nazo ku bijyanye n'uburenganzira bwabo.
3. Ibihugu byashyize umukono kuri aya masezerano bigomba gukora ku buryo ibyavuye muri iri barurishamibare bigera hose ku buryo abafite ubumuga n'abandi babibona kandi bakabyumva.

Ingingo ya 32

Ubufatanye mpuzamahanga

1. Ibihugu byashyize umukono kuri aya masezerano byemera ko ubufatanye mpuzamahanga bufite akamaro bityo ko bugomba gutezwa imbere mu rwego rwo gutera inkunga ibikorwa ku rwego rw'ighugu ngo habashe gushyirwa mu bikorwa impamvu n'intego z'aya Masezerano, ku bw'ibyo bikazashyiraho ingamba zihamye kandi ziboneye, hagati Y'Ibihugu, bikorana mu buryo buboneye n'imiryango mpuzamahanga n'iyo mu karere ndetse na sosiyete sivile, cyane cyane cyane imiryango y'abafite ubumuga. Zimwe muri izo ngamba twavuga cyane cyane:

- (a) Gukora ku buryo abafite ubumuga bagira umwanya mu bufatanye mpuzamahanga, harimo gahunda mpuzamahanga z'amajyambere, bakagira inyungu kuri bwo;

Ingingo ya 33

Iyubahirizwa n'igenzura ry'amasezerano ku rwego rw'ighugu

1. Ibihugu byashyize umukono kuri aya masezerano, hakurikijwe imiterere y'ubuyobozi bwabyo, bigomba gushyiraho urwego rumwe cyangwa nyinshi mu nzego z'imiyoborere, rushinzwe ibirebana n'ishyirwamubikorwa n'iyubahirizwa ry'aya masezerano. Bigomba na none kwita by'umwihariko ku ishyirwaho cyangwa igenwa ry'uburyo bw'ihuzabikorwa muri leta mu rwego rwo korosha ibikorwa muri urwo rwego mu nzego zinyuranye no mu ngeri zinyuranye.
2. Ibihugu byashyize umukono kuri aya masezerano, hakurikijwe inzego zabyo z'ubuyobozi n'amategeko, bigomba gushyiraho, guha ingufu, kugena cyangwa gushyiraho, mu gihugu cyashyize umukono kuri aya masezerano nyirizina, uburyo, harimo urwego rumwe rwigenga cyangwa nyinshi, uko bikwiye, mu rwego rwo guteza imbere, gufasha no kugenzura iyubahirizwa ry'aya Masezerano. Mu gushyiraho cyangwa kugena mwene ubwo buryo, ibihugu byashyize umukono kuri aya masezerano bigomba kwita ku mahame yerekeleranye n'imiterere n'imikorere y'inzego z'ighugu mu rwego rwo guteza imbere no kwita ku burenganzira bwa muntu.
3. Imiryango itegamiye kuri Leta, cyane cyane abafite ubumuga hamwe n'imiryango yabo ibahagarariye, igomba kugira uruhare rugaragara muri gahunda y'igenzura.

Ingingo ya 34

Komite ku Burenganzira bw'abafite ubumuga

1. Hagomba gushyirwaho Komite ishinzwe Uburenganzira bw'Abafite Ubumuga (yitwa Komite mu mirongo ikurikira) ifite inshingano ziza kuvugwa ahakurikira:
2. Komite igizwe, mu gihe aya masezerano atangiye gushyirwa mu bikorwa, n'impuguke cumi n'ebyiri. Nyuma y'ubwo azaba yinjiwemo n'abandi banyamuryango mirongo itandatu bayemeje, abagize komite baziyongeraho batandatu, bagere ku mubare ntarengwa w'abayigize cumi n'umunani.
3. Abagize Komite bakoresha ubushobozi bwabo kandi bakagaragaza imikorere y'ubudakemwa kandi bakaba bafite ubushobozi n'uburambe mu rwego ruteganywa n'aya masezerano. Mu gutoranya abakandida babo, Ibihugu byashyize umukono kuri aya masezerano bisabwa kwita ku biteganywa n'ingingo ya 4.3 y'aya masezerano.
4. Abagize Komite batorwa n'ibihugu byashyize umukono kuri aya masezerano, hitabwa ku isaranganywa ry'imyanya hagati y'uturere, ihagararirwa ry'ubwoko butandukanye bw'imico na gahunda z'ingenzi z'imiterere y'amategeko, ihagararirwa ry'iringaniza rishingiye ku gitsina n'uruhare rw'impuguke zifite ubumuga.
5. Abagize Komite batorwa hakurikijwe itora ryo mu ibanga kuri lisiti y'abantu batanzwe n'ibihugu byashyize umukono kuri aya masezerano bihitamo mu banyagihugu babyo mu nama zikorwa igihe cy'Inama nkuru (Conference) y'ibihugu byashyize umukono kuri aya masezerano. Muri izo nama, aho umubare ngombwa wo gutangira inama aba ari bibiri bya gatatu by'yibihugu byashyize umukono kuri aya masezerano, abatorwa kujya muri Komite bagomba kuba babonye ubwiganze bw'amajwi y'abahagarariye ibihugu byashyize umukono ku masezerano bahari kandi batoye.
6. Amatora y'ibanze akorwa mu mezi nibura atandatu nyuma y'ishyirwa mu bikorwa by'aya masezerano. Byibuze amezi ane mbere y'itariki y'amatora, Umunyamabanga Mukuru w'Umuryango w'Abibumbye, yoherereza ibihugu byashyize umukono kuri aya masezerano ibaruwa ibisaba gutanga abatowe mu gihe cy'amezi abiri. Umunyamabanga Mukuru ategura nyuma yaho lisiti ikurikije urutonde rw'inyuguti, y'abantu bose batanzwe n'ibihugu, rugaragaza ibihugu byabatanze, nyuma akayoyerereza za Leta zashyize umukono kuri aya masezerano.

7. Abagize Komite batorerwa igihe cy'emyaka ine. Bashobora kongera gutorerwa inshuro imwe gusa. Ariko, manda y'abagize komite batandatu batowe ku matora ya mbere irangira nyuma y'emyaka ibiri; nyuma y'itora rya mbere, amazina y'aba bagize komite uko ari batandatu ahitwamo n'uyoboye inama yavuzwe mu gika cya 5 cy'iyi ngingo nta ngingo zihariye zishingiweho.
8. Itorwa ry'abandi batandatu bagize Komite rikorwa mugihе cy'inama zisanzwe, hakurikijwe ibivugwa muri iyi ngingo.
9. Iyo ugize komite yatabye Imana, cyangwa yeguye cyangwa avuze ko atakibashije gukora imirimo ye, Igihugu cyari cyaramutanzeho umukandida gitanga indi mpuguke ifite amashuri kandi yujuje ibisabwa bigaragara muri iyi ngingo, igakora mu gihe cyari gisigaye.
10. Komite yishyiriraho amategeko agenganga imikorere yayo.
11. Umunyamabanga Mukuru w'Umuryango w'Abibumbye atanga abakozi, ibikoresho n'aho gukorera bikenewe kugirango Komite ibashe gusohoza inshingano zayo nk'uko biteganywa n'aya masezerano, atumiza kandi inama yayo ya mbere.
12. Byemejwe n'Inama Rusange, abagize Komite bemejwe muri aya masezerano, bahabwa ibyo bakeneye mu mitungo y'Umuryango w'Abibumbye nk'uko byemejwe n'Inama Rusange, hitawe ku kamaro k'inshingano za Komite.
13. Abagize Komite bahabwa ibikoresho, ubudahangarwa n'ibindi bigenerwa impuguke ziri mu butumwa bw'Umuryango w'Abibumbye nk'uko biteganywa n'Amasezerano ku bijyanye N'ibigenerwa nUbudahangarwa bw'Umuryango w'Abibumbye.

Ingingo ya 35

Raporoz'ibihugu byashyize umukono kuri aya masezerano

1. Buri Gihugu cyashyize umukono kuri aya masezerano gishyikiriza Komite, kibinyujije ku Munyamabanga Mukuru w'Umuryango w'Abibumbye, raporo yuzuye igaragaza ingamba zafashwe mu

gushyira mu bikorwa inshingano zayo uko zigaragazwa muri aya masezerano, kikanagaragaza aho ibikorwa bigeze muri urwo rwego, mu gihe cy'emyaka ibiri nyuma y'aho amasezerano atangiye kubahirizwa n'ighugu kirebwa nayo.

2. Muri urwo rwego, ibihugu byashyize umukono kuri aya masezerano bitanga raporo nibura buri myaka ine n'igihe bibaye ngombwa bitewe n'ibyifuzo bya Komite.
3. Komite yemeza imirongo ngenderwaho ikurikije ibiri muri raporo
4. Ighugu cyashyize umukono kuri aya masezerano cyahaye Komite raporo ibanza yuzuye, nticyongera gusubiramo muri raporo zikurikira amakuru yatanzwe mbere. Mu gihe cyo gutegura raporo zo gushyikiriza Komite, ibihugu byashyize umukono kuri aya masezerano bisabwa kubikora mu mucyo nta gihishwe no kwita ku bivugwa mu ngingo ya 4.3 y'aya masezerano.
5. Raporozishobora kugaragaza ingorane cyangwa ibindi bintu bibangamira ishyirwa mu bikorwa ry'inshingano zivugwa muri aya masezerano.

Ingingo ya 36

Gusuzuma raporo

1. Komite isuzuma ikanasesengura buri raporo yatanzwe , igatanga ibyifuzo n'imyanzuro rusange isanga ari ngombwa, nyuma yaho ikabyoyerereza buri gihugu cyashyize umukono kuri aya masezerano kirebwa nayo. Ighugu cyashyize umukono kuri aya masezerano gishobora gusubiza Komite kiyiha amakuru kibona ari ngombwa. Komite ishobora gusaba ibihugu byashyize umukono kuri aya masezerano gutanga andi makuru arebana n'ishyirwa mu bikorwa ry'aya masezerano.
2. Mu gihe hari igihugu cyashyize umukono kuri aya masezerano gikererewe mu gutanga raporo, Komite imenyesha igihugu kirebwa n'ikibazo igituba gusuzuma ishyirwa mu bikorwa ry'aya

masezerano muri icyo gihugu, hifashishijwe amakuru yizewe Komite ifite, mu gihe raporo idatanzwe mu gihe cy'amezi atatu akurikira imenyeshwa. Komite itumira Igihugu bireba kuza kugira uruhare muri iredi suzuma. Mu gihe ighugu cyashyize umukono kuri aya masezerano gisubije gitanga raporo yabugenewe, hakurikizwa ibiteganywa mu gika cya 1 cy'iyi ngingo.

3. Umunyamabanga Mukuru w'Umuryango w'Abibumbye aha ibihugu byose byashyize umukono kuri aya masezerano raporo zose zihari.
4. Ibihugu byose byashyize umukono kuri aya masezerano bisabwa gukora ku buryo raporo zabyo zigera ku baturage babyo, no korohereza abantu kubona ibyifuzo n'imyanzuro rusange birebana n'izi raporo.5. Komite ishyikiriza , mu buryo ibona buboneye, imiryango ikora ibikorwa byihariye, amashami n'ibigega by'Umuryango w'Abibumbye, n'izindi nzego zibifitiye ububasha, raporo ziturutse mu bihugu byashyize umukono kuri aya masezerano mu rwego rwo gusaba cyangwa kumenyesha ko hakenewe inama cyangwa inkunga ya tekiniki muri urwo rwego, iyo raporo ikajyana n'inyandiko igaragaza uko Komite ibona ibintu kimwe n'imyanzuro yayo, iyo bihari, ku bisabwa cyangwa ibyamenyeshejwe.

Ingingo ya 37

Ubufatanye hagati y'ibihugu byashyize umukono kuri aya masezerano na Komite

1. Buri gihugu cyashyize umukono kuri aya masezerano kigomba gukorana na Komite kandi kigafasha abayigize kurangiza inshingano zabo neza.
2. Mu bufatanye bwayo n'ibihugu byashyize umukono kuri aya masezerano, Komite igomba kwita ku buryo n'ingamba zo kongera ubushobozi ku rwego rw'ighugu ngo aya masezerano abashe gushyirwa mu bikorwa, harimo gukoresha ubufatanye mpuzamahanga.

Ingingo ya 38

Ubufatanye bwa Komite n'izindi nzego

Mu rwego rw'ishyirwa mu bikorwa rihamye ry'aya masezerano no kwimakaza ubufatanye mpuzamahanga mu nzego zirebana n'aya masezerano:

- (a) Imiryango ikora ibikorwa byihariye hamwe n'izindi nzego z'Umuryango w'Abibumbye bigomba guhagararirwa mu isuzuma ry'ishyirwa mu bikorwa ry'ingingo z'aya masezerano zihura n'inshingano zabyo. Komite ishobora gutumira imiryango ikora ibikorwa byihariye n'izindi nzego zibifitiye ububasha, ikurikije ibikenewe, kugira ngo hatangwe inama z'impuguke ku ishyirwa mu bikorwa ry'aya Masezerano mu nzego zirebana n'inshingano zabyo. Komite ishobora gusaba imiryango ikora ibikorwa byihariye n'izindi nzego z'Umuryango w'Abibumbye gutanga raporo ku iyubahirizwa ry'aya Masezerano ku bikorwa birebana n'inshingano zabyo.
- (b) Komite, mu mikorere yayo, ikorana, ikurikije ibikenewe, n'izindi nzego zemewe zashyizweho n'amasezerano mpuzamahanga ku burenganzira bwa muntu, mu rwego rwo guhuza imirongo ngenderwaho ya raporo batanga, ibyifuzo n'ibyemezo rusange, no mu rwego rwo kwirinda gukora ibantu bimwe cyangwa kuvuguruzanya mu mikorere yabo.

Ingingo ya 39

Raporo ya Komite

Buri myaka ibiri Komite ikora raporo y'ibikorwa byayo ikayishyikiriza Inteko Rusange N'Akanama gashinzwe iby'ubukungu n'Imibereho; ishobora gutanga ibyifuzo n'ibigomba gukorwa muri rusange ishingiye ku isuzuma yakoze kuri raporo n'amakuru yatanzwe n'ibihugu byashyize umukono kuri aya masezerano. Ibyo bifuzo n'ibisabwa gukorwa muri rusange bigomba kuba bigaragara muri raporo ya Komite hamwe n'ibitekerezó, iyo bihari, byatanzwe n'ibihugu byashyize umukono kuri aya masezerano

Ingingo ya 40

Inama y'ibihugu byashize umukono kuri aya masezerano

1. Ibihugu byashyize umukono kuri aya masezeranobihura, mu gihe gisanzwe, mu Nama y'ibihugu byashize umukono kuri aya masezerano bikiga ibibazo bijyanye n'ishyirwa mu bikorwa ry'aya Masezerano.
2. Mu gihe kitarenze amezi atandatu nyuma yaho aya Masezerano atangiye gushyirwa mu bikorwa, Umunyamabanga Mukuru w'Umuryango w'Abibumbye atumiza Inama y'Ibihugu Byashyize Umukono kuri aya Masezerano. Izindi nama zikurikira zitumizwa n' Umunyamabanga Mukuru w'Umuryango w'Abibumbye buri myaka ibiri cyangwa hakurikijwe ibyemejwe n' Inama y'Ibihugu Byashyize Umukono kuri aya Masezerano.

Ingingo ya 41

Ububiko

Umunyamabanga Mukuru w'Umuryango w'Abibumbye niwe ushinzwe ububiko bw'aya Masezerano

Ingingo ya 42

Umukono

Aya masezerano ategereje gushyirwaho umukono n'ibihugu byose n'imiryango y'ubufatanye bw'uturere ku Cyicaro cy'Umuryango w'Abibumbye i New York kuva ku wa 30 Werurwe 2007

Ingingo ya 43

Ibijyanye no kwemera kurebwa n'aya masezerano

Aya masezerano azemezwa n'ibihugu byayashyizeho umukono anemezwe ku mugaragaro n'imiryango y'ubufatanye bw'uturere yayashyizeho umukono. Afunguriwe igihugu icyo ari cyo cyose cyangwa umuryango w'ubufatanye bw'akarere bitarayashyiraho umukono.

Ingingo ya 44

Imiryango y'ubufatanye bw'uturere

1. “Umuryango w’ubufatanye bw’akarere” bisobanura umuryango ugizwe n’ibihugu byigenga byo mu karere runaka, ibihugu biwugize bikaba byarawuhaye ububasha bujyanye n’ibigengwa n’aya masezerano. Bene iyo miryango itangaza ku mugaragaro ubushobozi bwayo mu bijyanye n’ibigenwa n’aya masezerano. Bityo, igomba kumenyesha ushinzwe ububiko bw’aya masezerano ihindura iryo ari ryo ryose rirebana n’ububasha bwayo.
2. Ibivugwa ku “Bihugu byashyize Umukono kuri aya Masezerano” muri aya masezerano bireba n’iyo miryango mu rwego rw’ububasha bwayo.
3. Kubera impamvu z’ingingo ya 45, igika cya 1, n’ingingo ya 47, igika cya 2 n’icya 3, icyemezo cyanditse gitanzwe n’umuryango w’ubufatanye bw’akarere nticyitabwaho.
4. Imiryango y’ubufatanye bw’uturere, mu bubasha bwayo, ifite uburenganzira bwo gutora mu Nama y’ibihugu byashyize Umukono kuri aya masezerano, ku mubare w’amajwi ungana n’umubare w’ibihugu byayo byashyize umukono kuri aya masezerano. Uwo muryango nta burenganzira ufite bwo gutora mu gihe hari igihugu cyawo gitora, kimwe n’uko nta gihugu gifite uburenganzira bwo gutora mu gihe umuryango kigize utora.

Ingingo ya 45

Ishyirwa mu bikorwa

1. Aya masezerano azatangira gushyirwa mu bikorwa ku munsi wa mirongo itatu nyuma yitangwa ry’icyemezo cya makumyabiri cyo kuyemeza cyangwa kuyinjiramo

2. Kuri buri Gihugu cyangwa umuryango w'akarere byemeje aya masezerano, biyahamije ku mugaragaro cyangwa biyinjiyemo nyuma y'ishyikirizwa ry'icyemezo cya makumyabiri cyo kubikora, aya masezerano atangira gushyirwa mu bikorwa ku munsi wa mirongo itatu nyuma yo gushyikiriza icyemezo cyabyo.

Ingingo ya 46

Ukwifata

1. Ukwifata kutajyanye n'intego n'ikigamijwe n'aya masezerano ntikwemerwa
2. Ukwifata gushobora gukurwaho ighe icyo ari cyo cyose.

Ingingo ya 47

Ibijyanye n'ubugororangingo

1. Buri Gihugu cyashyize umukono kuri aya masezerano gishobora gusaba ko aya Masezerano akorerwa ubugororangingo, icyo cyifuzo kigashyikirizwa Umunyamabanga Mukuru w'Umuryango w'Abibumbye. Umunyamabanga Mukuru amenyesha ibihugu byashyize Umukono kuri aya masezerano ibyifuzo byatanzwe ku bugororangingo, abisaba gutangaza niba byemera ko haba inama y'ibihugu byashyize umukono kuri aya masezerano yo kwiga no gufata imyanzuro ku byifuzo byatanzwe. Mu gihe, mu gihe cy'amezi ane nyuma y'itariki y'iryo menyesha, nibura kimwe cya gatatu cy'ibihugu byashyize umukono kuri aya masezerano byemeye iyo nama, Umunyamabanga Mukuru atumiza inama itewe inkunga n'Umuryango w'Abibumye. Ubugororangingo bwemejwe n'ubwiganze bwa bibiri bya gatatu by'ibihugu byashyize umukono kuri aya masezerano byitabiriye inama n'amatora bumenyeshwa Inteko Rusange bikozwe n'Umunyabanga Mukuru kugirango ibwemeze, nyuma bugashyikirizwa ibihugu byose byashyize umukono kuri aya masezerano kugira ngo bibwemere.

2. Ubugororangingo bwakozwe kandi bwemejwe hakurikijwe igika cya 1 cy'iyi ngingo bushyirwa mu bikorwa ku munsi wa mirongo itatu nyuma y'aho umubare w'impapuro zibyemeza ushyitse kuri bibiri bya gatatu by'umubare w'ibihugu byashyize umukono kuri aya masezerano ku itariki yo kwemeza ubwo bugororangingo. Nyuma yaho, ubugororangingo butangira gushyirwa mu bikorwa kuri buri gihugu cyose cyashyize umukono kuri aya masezerano ku munsi wa mirongo itatu nyuma y'aho gitangiye urupapuro ruhamya ko kibwemeje. Ubwo bugororangingo bureba gusa ibihugu byashyize umukono kuri aya masezerano byabwemeje.
3. Mu gihe byemejwe n'inama y'ibihugu byashyize umukono kuri aya masezerano ku bwumvikane, ubugororangingo bwakozwe kandi bwemejwe hakurikijwe igika cya 1 cy'iyi ngingo yerekeranye gusa n'ingingo za 34, 38, 39 na 40 bushyirwa mu bikorwa n'ibihugu byose byashyize umukono kuri aya masezerano ku munsi wa mirongo itatu nyuma y'uko inyandiko zemeza ubwo bugororangingo zigera kuri bibiri bya gatatu by'umubare w'ibihugu byashyize umukono kuri aya masezerano ku itariki y'iyemezwa ry'ubugororangingo.

Ingingo ya 48

Ibijyanye no kwitandukanya n'aya masezerano

Igihugu cyashyize umukono kuri aya masezerano gishobora kwitandukanya nayo gikoresheje inyandiko kimenyesha Umunyamabanga Mukuru w'Umuryango w'Abibumbye. Uko kwitandukanya na yo bitangira kugira agaciro umwaka umwe nyuma yitariki inyandiko ibimenyesha yakiriwe n' Umunyamabanga Mukuru

Ingingo ya 49

Inyandiko ibereye bose

Inyandiko y'aya masezerano igomba gukorwa ku buryo bufasha ko yumvwa n'abantu bose

Ingingo ya 50

Inyandiko z'umwimerere

Inyandiko z'aya masezerano zanditse mu Cyarabu, Igishinwa, Icyongereza, Igifaransa, Ikirusiya n'Igisipanyoli zose zifatwa kimwe nk'umwimerere.

Nk'abahamya babifitiye ubushobozzi busesuye, babiherewe ububasha n'ibihugu byabo, abakurikira bashyize umukono kuri aya masezerano.

**ITEGEKO N° 01/2007 RYO KUWA
20/01/2007 RIRENGERA ABANTU
BAFITE UBUMUGA MURI RUSANGE**

UMUTWE WA MBERE : INGINGO RUSANGE

Ingingo ya mbere :

Iri tegeko rirengera abantu bafite ubumuga muri rusange.

Bitabangamiye ibiteganyijwe n'iri tegeko, hashobora gushyirwaho amategeko yihariye arengera abamugajwe n'impamvu zinyuranye

Ingingo ya 2:

Muri iri tegeko, ubumuga ni ukuntu umuntu yatakaje ubushobozi bujyanye n'ubuzima yagombaga kuba afite cyangwa afite icyo abura ugereranyije n'abandi, bityo akaba adafite amahirwe angana n'ay'abandi.

Muri iri tegeko, ufite ubumuga ni umuntu wese wavutse adafite ubushobozi bujyanye n'ubuzima nk'ubw'abandi cyangwa wabutakaje biturutse ku ndwara, impanuka, intambara cyangwa izindi mpamvu zishobora gutera ubumuga.

Iteka rya Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze rigena uko abafite ubumuga bashyirwa mu byiciro shingiro hakurikijwe ubumuga bwabo kugira ngo bifashe inzego zinyuranye kubagenera uburenganzira bwihariye bakeneye.

Ingingo ya 3:

Ufite ubumuga wese afite uburenganzira bungana n'ubw'abandi imbere y'amategeko. Agomba kubahwa no guhabwa agaciro bikwiye ikiremwa muntu.

Ingingo ya 4:

Ibigo cyangwa amashyirahamwe byita ku bafite ubumuga bigomba kuba byujuje ibyangombwa bituma abafite ubumuga babaho neza ku byerekeye umutekano n'ubuzima. Ibyo bigo n'amashyirahamwe bigomba kugira ubushobozi n'ibikoresho bihagiye kugira ngo bishobore kwinjiza abamugaye mu buzima bukwiye kandi bagire n'uruuhare mu iterambere.

Leta ifite inshingano yo gukurikirana no gutera inkunga impuzamashyirahamwe, amashyirahamwe n'ibigo byita ku bafite ubumuga.

Iteka rya Minisitiri ufite imibereho myiza y'abaturage mu nshingano ze rishyiraho amabwiriza agenga impuzamashyirahamwe, amashyirahamwe n'ibigo byita ku bafite ubumuga.

Ingingo ya 5:

Ufite ubumuga afite uburenganzira bwo kuba mu muryango mu buryo bumwe n'ubw'abandi.

Ufite ubumuga adafite ababyeyi kandi adashoboye kwitunga, agira umwishingizi cyangwa umubera umubyeyi ataramubyaye cyangwa se ikigo cyangwa ishyirahamwe bimwitaho.

Iteka rya Minisitiri ufite imibereho myiza y'abaturage mu nshingano ze rigena uko Leta ifasha uwamugaye udafite umwitaho.

Ingingo ya 6:

Kuba umwishingizi w'ufite ubumuga, mufitanye isano cyangwa mutayifitanye, kuba ikigo cyita ku bafite ubumuga, bigomba gukorwa ku nyungu z'ufite ubumuga n'inyungu rusange z'Ighugu, ntibigomba gukorwa hagamijwe izindi nyungu ku mwishingizi.

Iteka rya Minisitiri ufite imibereho myiza y'abaturage mu nshingano ze rishyiraho uburyo bwo kugenzura buri gihe ibikorwa by'abishingizi n'ibigo byakiriye abafite ubumuga.

Ingingo ya 7:

Ufite ubumuga afite uburenganzira bwo gutanga igitekerezo mu bwisanzure ku bibazo rusange by'Ighugu, ku kibazo cyose kimureba by'umwihariko, kandi akagira n'uruhare mu iterambere ry'Ighugu cye hakurikijwe ubushobozi bwe.

Iyo bishoboka, abafite ubumuga bagishwa inama kandi bagatanga ibitekerezo ku bikorwa na servisi bibagenerwa.

Umuhuzabikorwa w'Impuzamashyirahamwe y'abafite ubumuga ku nzego z'ibanze, ajya mu Nama Njyanama zitorwa kuri izo nzego.

Ingingo ya 8:

Ufite ubumuga afite uburenganzira bwo kunganirwa nk'undi wese mu nkiko nk'uko bigenwa n'amategeko.

Leta igena uburyo bwo kunganira abafite ubumuga badashobora kwibonera ababunganira.

Igihe cyose bibaye ngombwa, inzego zinyuranye zorohereza abafite ubumuga guhabwa za serivisi bakenera.

Ingingo ya 9:

Ufite ubumuga agomba kwitabwaho no gutabarwa by'umwihariko mu gihe cy'intambara, impanuka n'ibindi byago.

Iteka rya Minisitiri ufite imibereho myiza y'abaturage mu nshingano ze rigena uko ubwo butabazi bukorwa.

Ingingo ya 10:

Komisiyo y'Igihugu Ishinzwe Uburenganzira bwa Muntu igomba guteganya uburyo bwihariye bwo gukurikirana uko uburenganzira bw'ufite ubumuga bwubahirizwa.

UMUTWE WA II :UBURENGANZIRA BW'UFITE UBUMUGA MU BIJYANYE N'UBUREZI

Ingingo ya 11:

Ufite ubumuga afite uburenganzira ku burezi buboneye hakurikijwe imiterere y'ubumuga bwe.

Abafile ubumuga butabemerera kwigana n'abandi, Leta cyangwa ibigo byita ku bafite ubumuga bibashakira uburyo bwo kwiga mu ishuri ryihariye kandi bakagira abarimu babyigiye cyangwa babihuguriwe n'ibikoresho byabugenewe.

Minisiteri ifite uburezi mu nshingano zayo, ishingiye ku byiciro by'ubumuga bigenwa na Minisiteri ifite ubuzima mu nshingano zayo, igena uburyo abafite ubumuga biga mu mashuri asanzwe bitabwaho by'umwihariko, no mu mashuri yihariye igihe badashoboye kwigana n'abandi.

Ingingo ya 12:

Umunyeshuri ufite ubumuga butamwemerera gukora ibizamini nk'iby'abandi cyangwa mu buryo bumwe n'abandi afite uburenganzira bwo gukoreshwa ibizamini ku buryo bwihariye.

Ingingo ya 13:

Minisitiri ufite uburezi mu nshingano ze agena uburyo bwo korohereza abafite ubumuga batishoboye mu gukurikirana amashuri.

UMUTWE WA III : UBURENGANZIRA BW'UFITE UBU-MUGA MU BIJYANYE N'UBUZIMA

Ingingo ya 14:

Ufite ubumuga yoroherewa na Leta uburyo bwo kwivuza harimo no kubona insimburangingo n'inyunganirangingo iyo zikenewe.

Ingingo ya 15:

Leta ifite inshingano yo kuvuza ufite ubumuga utishoboye kandi ikamushakira insimburangingo n'inyunganirangingo, iyo zikenewe.

Ingingo ya 16:

Buri kigo cyangwa ishyirahamwe byita ku bafite ubumuga bigomba kugira serivisi ishinzwe gusuzuma ihungabana ndetse n'ubujyanama mu by'ubuzima bwo mu mutwe.

Ingingo ya 17:

Iteka rya Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze rigena uburyo bwo korohereza abafite ubumuga mu kwivuza, harimo no kubona insimburangingo n'inyunganirangingo.

UMUTWE WA IV : UBURENGANZIRA BW'UFITE UBUMUGA MU BIYANYE N'UMURIMO

Ingingo ya 18:

Nta vangura iryo ariryo ryose rigomba gukorerwa ufite ubumuga ku byerekeye umurimo.

Nyamara ufite ubumuga ahabwa amahirwe yo kubona umurimo kuruta utabufite iyo banganya ubushobodzi mu kazi cyangwa banganyije amanota mu ipiganwa.

Ingingo ya 19:

Igihe bibaye ngombwa kandi kubera impamvu z'akazi gusa, ufite ubumuga agenerwa ahantu ho gukorera hatabangamiye imiterere y'ubumuga bwe kandi hatabangamira imibereho ye muri rusange.

Ingingo ya 20:

Iteka rya Minisitiri ufite umurimo mu nshingano ze rigena uburyo bwo korohereza abafite ubumuga kubona umurimo.

UMUTWE V: UBURENGANZIRA BW'UFITE UBUMUGA MU BIYANYE N'UMUCO, IMYIDAGADURO N'IMIKINO

Ingingo ya 21:

Ibigo byita ku bafite ubumuga n'ibigo by'amashuri muri rusange, bigomba kugira imyanya yihariye igenewe ibikorwa byorohereza abafite ubumuga ku birebana n'umuco, imyidagaduro n'imikino ndetse n'abatoza babihuguriwe.

Ingingo ya 22:

Abafile ubumuga bafite uburenganzira bwo kwibumbira mu mashyirahamwe yihariye yerekeye imikino, umuco n'imyidagaduro.

Ingingo ya 23:

Ufite ubumuga yoroherezwa uburyo bwo gukora no gukurikira imikino, sinema, ikinamico n'indi myidagaduro.

Ingingo ya 24:

Iteka rya Minisitiri ufite umuco na siporo mu nshingano ze rigena uburyo bwo koroherezza abafite ubumuga gukora no gukurikira ibikorwa by'umuco, imyidagaduro n'imikino

UMUTWE WA VI: UBURENGANZIRA BW'UFITE UBUMUGA MU BIJYANYE NO GUTWARA ABANTU, ITUMANAHO NO KUGERA KU BIKORWA REMEZO

Ingingo ya 25:

Inyubako zikorerwamo serivisi zitandukanye zigenewe abaturage zigomba kuba ziteye ku buryo zoroherezza abafite ubumuga kugera aho izo serivisi zitangirwa.

Iteka rya Minisitiri ufite ibikorwa remezo mu nshingano ze rigena igihe n'uburyo bigomba gukorwa

Ingingo ya 26:

Serivisi zigenewe abaturage zижyanyе no gutwara abantu n'itumanaho zigomba koroherezza abafite ubumuga.

Imvugo z'amarenga, inyandiko ya "braille" n'ubundi buryo bufasha abafite ubumuga mu itumanaho, igihe bishoboka, bigomba gukoreshwa mu nama, mu makuru no mu bindi biganiro mbwirwaruhame.

Iteka rya Minisitiri ufite itumanaho no gutwara abantu mu nshingano ze rigena uburyo bwo korohereza abafite ubumuga mu bijyanye n'itumanaho no gutwara abantu.

UMUTWE WA VII: IBYEREKEYE IBIHANO

Ingingo ya 27:

Umuntu wese ukoreye ufite ubumuga icyaha cy'ivangura cyangwa iholohoterwa iryo ari ryo ryose, ahanishwa igihano gisumba ibindi mu biteganywa n'ingingo z'Igitabo cy'amategeko ahana n'iz'amategeko yihariye ku birebana n'icyo cyaha.

UMUTWE WA VIII: INGINGO ZISOZA

Ingingo ya 28:

Ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranye na ryo zivanyweho.

Ingingo ya 29:

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, kuwa 20/01/2007

Perezida wa Repubulika
KAGAME Paul
(sé)

ITEKA RYA MINISITIRI N° 01/2009

RYO KUWA 19/6/2009 RIGENA

UBURYO BWO KOROHHEREZA

ABAFITE UBUMUGA GUKORA

NO GUKURIKIRANA IBIKORWA

BY'UMUCO, IMYIDAGADURO

N'IMIKINO

Minisitiri w'Umuco na Siporo,

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003, nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 14, iya 120, iya 121 n'iya 201 ;

Ashingiye ku Itegeko n° 01/2007 ryo kuwa

20/01/2007 rirengera abantu bafite ubumuga muri rusange, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 24;

Inama y'Abaminisitiri yateranye kuwa
19/06/2009 imaze kubisuzuma no kubyemeza;

ATEGETSE :

Ingingo ya mbere : Icyo iri teka rigamije

Iri teka rigena uburyo bwo korohereza abafite ubumuga gukora no gukurikirana ibikorwa by'umuco, imyidagaduro n'imikino.

Ingingo ya 2: Ibikoresho ku bafite ubumuga

abantu bafite ubumuga bagenerwa ibyangombwa byose bibafasha kwitabira, gukora no kwitoza imikino n'imyidagaduro. Inzego zifite mu nshingano zazo ibi bikorwa zaba iza Leta cyangwa iz'abikorera ku giti cyabo zigomba guteganya aho ibi bikorerwa. Ibi bireba cyane cyane amashyirahamwe nyarwanda afite mu nshingano zayo umuco, imyidagaduro n'imikino.

Ingingo ya 3: Kuba umunyamuryango w'ishyirahamwe mpuzamahanga ry'imikino

abantu bafite ubumuga boroherenzwa kuba abanyamuryango b'amashyirahamwe mpuzamahanga y'imikino, kandi bakagenerwa ibyangombwa byose igihe bagiye mu bikorwa binyuranye by'ayo mashyirahamwe, cyangwa mu mikino ku rwego mpuzamahanga, birimo cyane cyane nk'amafaranga y'urugendo, ayo kubatunga, imisanzu yo gutanga muri ayo mashyirahamwe.

Ingingo ya 4 : Inzira n'umwanya byihariye ku bafite ubumuga

Abafile ubumuga bakeneye gukurikirana imikino n'imyidagaduro bagenerwa inzira n'umwanya byabo byihariye, kugira ngo badahutazwa kubera ubumuga bwabo.

Abafile ubumuga bwo kutumva bagenerwa ababasemurira mu mikino n'imyidagaduro.

Ingingo ya 5: Ibigomba guteganywa mu ngengo y'imari

Ibyangombwa bivugwa mu ngingo ya 2, iya 3 n'iya 4 z'iri teka biteganywa mu ngengo y'imari ya buri rwego bireba.

Ingingo ya 6: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije naryo zivanyweho.

Ingingo ya 7: Igihe iteka ritangira gukurikizwa

Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda

**ITEKA RYA MINISITIRI N° 01/cab.M/09
RYO KUWA 27/07/2009 RIGENA
UBURYO INYUBAKO ZITANGIRWAMO
SERIVISI ZITANDUKANYE ZIKORERWA
ABATURAGE ZIGOMBA KUBA ZITEYE
MU BURYO BWO KOROHHEREZA
ABAFILE UBUMUGA**

Minisitiri w'Ibikorwa Remezo,

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003, nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 14, iya 120, iya 121 n'iya 201 ;

Ashingiye ku Itegeko n° 01/2007 ryo kuwa 20/01/2007 rirengera abantu bafite ubumuga muri rusange, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 25;

Inama y'Abaminisitiri yateranye kuwa 19/06/2009 imaze kubisuzuma no kubyemeza;

ATEGETSE :

Ingingo ya mbere : Icyo iteka rigamije

Iri teka rigena uburyo inyubako zikorerwamo serivisi zitandukanye zigenerwa abaturage zigomba kuba ziteye mu buryo bwo korohereza abafite ubumuga kugera aho izo serivisi zitangirwa.

Ingingo ya 2 : Ibisobanuro by'amagambo

"Inyubako zikorerwamo serivisi zitandukanye" ni inyubako zose zaba iz'abikorera, zaba iza Leta cyangwa ibigo byayo, iz'imishinga ya Leta kimwe n'iz'amadini anyuranye n'izindi zose zakira abantu ku mpamvu izo ari zo zose.

"Serivisi zigenewe abaturage" ni serivisi zose zihabwa abantu ku mpamvu zinyuranye kandi baba bakeneye mu mibereho yabo ya buri munsi.

"Inyubako zorohereza abafite ubumuga" ni inyubako zubatse ku buryo abafite ubumuga bashobora kuzinjiramo bitabagoye cyangwa ngo bibabangamire. "Uruhushya rwo kubaka" ni inyandiko itangwa n'urwego rw'ubutegetsi rubifitiye ububasha yemerera uyihawe gutangira imirimbo y'ubwubatsi.

Ingingo ya 3 : Ibyangombwa biteganyirizwa abafite ubumuga ku nyubako

Inyubako yose igomba guteganya ibyangombwa byose bituma ufite ubumuga ashobora kutabangamirwa mu kugera kuri serivisi zose zikorerwa cyangwa zitangirwa muri iyo nyubako. By'umwihariko, inyubako yose yaba iya Leta cyangwa iy'abikorera igenewe gutangirwamo serivisi zitandukanye zigenewe abaturage, igomba guteganya aho abantu bafite ubumuga banyura kugirango boroherezwe kugera aho serivisi bakeneye zitangirwa.

Inyubako zubatswe mbere y'itangazwa mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda y'iri teka zigomba kuba zujuje ibiteganyijwe mu gika cya mbere cy'iyi ngingo.

Ingingo ya 4: Ahahagarikwa ibinyabiziga

Inyubako zose zitangirwamo serivisi zigomba guteganya aho abafite ubumuga bahagarika ibinyabiziga byabo hihariye, byaba ibifite moteri cyangwa ibitayifite, hegereye ubwinjiriro rusange, hakanateganywa kandi uburyo bwatuma ufite ubumuga atabarwa, yitabara cyangwa atabaza mu gihe bibaye ngombwa kandi mu buryo bwiuse.

Ingingo ya 5 : Uruhushya rwo kubaka

Bitabangamiye amategeko areba imitunganyirize y'imijyi n'imyubakire, usaba uruhushya rwo kubaka inyubako zivugwa mu ngingo ya 3 y'iri teka, agomba kubanza kugaragaza ko hubahirijwe ibisabwa n'amategeko muri rusange n'arengera abafite ubumuga by'umwihariko.

Ingingo ya 6 : Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije naryo zivanyweho.

Ingingo ya 7: Igihe iteka ritangirira gukurikizwa

Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

**ITEKA RYA MINISITIRI N° 01/cab.M/09
RYO KUWA 27/07/2009 RIGENA
UBURYO ABAFITE UBUMUGA
BOROHEREZWA INGENDO ZABO ZA
NGOMBWA MU GIHUGU**

Minisitiri w'Ibikorwa Remezo,

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003, nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 14, iya 120, iya 121 n'iya 201;

Ashingiye ku Itegeko n° 01/2007 ryo kuwa 20/01/2007 rirengera abantu bafite ubumuga muri rusange, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 26;

Inama y'Abaminisitiri yateranye kuwa 19/06/2009 imaze kubisuzuma no kubyemeza;

ATEGETSE :

Ingingo ya mbere : Icyo iteka rigamije

Iri teka rigena uburyo Leta yoroherenza abafite ubumuga mu ngendo zabo za ngombwa mu gihugu.

Ingingo ya 2: Ibisobanuroby'amagambo

Ijambo "ingendo za ngombwa " rivuga ingendo ufile ubumuga uri mu cyiciro cya mbere n'icya kabiri akora kugira ngo ashobore guhabwa cyangwa kugera aho abonera serivisi akeneye.

Ingingo ya3:Ubusonerwe bwo kwishyura amafaranga y'urugendo

Umuntu ufile ubumuga utishoboye uri mu cyiciro cya mbere n'icya kabiri asonewe kwishyura amafaranga y'urugendo mu binyabiziga bya Leta byagenewe itwara rusange ry'abantu.

Ingingo ya 4 : Ikarita iranga ufite ubumuga

Mu gushyira mu bikorwa ibiteganyijwe n'ingingo ya 3 y'iri teka, ufite ubumuga uri mu cyiciro cya mbere n'icya kabiri ahabwa ikarita yabugenewe n'inzezo zibishinzwe, yerekana kugira ngo yemererwe kugendera muri ibyo binyabiziga bya Leta bigenewe Itwara Rusange ry'abantu.

Abavugwa muri iyi ngingo boroherezwa muri ubu buryo ku ngendo za ngombwa gusa.

Ingingo ya 5 : Imyanya yagenewe abafite ubumuga mu binyabiziga bya Leta

Leta ishyiraho gahunda iboneye yatuma abafite ubumuga muri rusange bagendera mu binyabiziga bya Leta bishinzwe itwara rusange ry'abantu, ku buryo muri ibyo binyabiziga hateganywa nibura imyanya yicarwamo n'abafite ubumuga, kimwe n'aho abafite ubumuga binjirira mu kinyabiziga.

Ingingo ya 6 : Aho abafite ubumuga bategera ibinyabiziga

Ahantu hose hatergerwa ibinyabiziga byagenewe itwara rusange ry'Abantu hagomba gutunganywa ku buryo horoherezwa abafite ubumuga kuhategera no kuhinjirira mu binyabiziga mu buryo buboroheyne.

Ingingo ya 7 : Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije naryo zivanyweho. Ingingo ya 8: Igihe iteka ritangira gukurikizwa

Ingingo ya 8: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

**ITEKA RYA MINISITIRI N° 20/18
RYO KUWA 27/7/2009 RIGENA UKO
ABAFITE UBUMUGA BASHYIRWA MU
BYICIRO SHINGIRO HAKURIKIJWE
UBUMUGA BWABO**

Minisitiri w'Ubuzima,

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 14, iya 120, iya 121 n'iya 201 ;

Ashingiye ku Itegeko n° 01/2007 ryo kuwa 20/01/2007 rirengera abantu bafite ubumuga muri rusange, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 2;

Inama y'Abaminisitiri yateranye kuwa 19/06/2009 imaze kubisuzuma no kubyemeza ;

ATEGETSE :

Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije

Iri iteka rigena uko abafite ubumuga bashyirwa mu byiciro shingiro hakurikijwe ubumuga bwabo.

Ingingo ya 2 : Ibyiciro by'abafite ubumuga hakurikijwe ubwoko bw'ubumuga

abantu bafite ubumuga muri rusange bari mu byiciro bikurikira :

1. Abafite ubumuga bw'ingingo;
2. Abafite ubumuga bwo kutabona;
3. Abafite ubumuga bwo kutumva no kutavuga cyangwa bumwe muri bwo;
4. Abafite ubumuga bwo mu mutwe;
5. Abafite ubumuga butari mu byiciro bibanziriza iki bwemejwe n'akanama k'abaganga.

Ingingo ya 3: Ibyiciro by'abafite ubumuga hakurikijwe uburemeref bw'ubumuga

Hakurikijwe uburemeref bw'ubumuga bugenwa n'akanama k'abaganga gashyirwaho n'inzego zibifitiye ububasha, muri buri cyiciro cy'abafite ubumuga giteganyijwe n'igika cya 2 cy'ingingo 2, abafite ubumuga

bashyirwa mu byiciro bikurikira kandi ibi bigakorwa hashingiwe ku mahame mpuzamahanga:

1. hagati ya 90 na 100%;
2. hagati ya 70 na 89 %;
3. hagati ya 50 na 69%;
4. hagati ya 30 na 49%;
5. munsi ya 30%.

Nyuma yo gushyirwa mu byiciro binyuranye biteganyijwe mu ngingo ya 2 n'iya 3 z'iri teka, akanama k'Abaganga gaha ufite ubumuga ikanita igaragaza ubumuga n'uburemere bwabwo iriho umukono wa Perezida w'ako kanama.

Ingingo ya 4: Gushyira mu byiciro abafite ubumuga

Gushyira mu byiciro abafite ubumuga bishyirwa mu bikorwa mu gihe kitarengeje umwaka uhoreye igithe iri teka ritangire gukurikizwa.

Ingingo ya 5: Rapor y'akanama k'abaganga

Akanama k'abaganga gateganyijwe mu ngingo ya2 y'iri teka gakorera raporo buri mwaka n'igihe cyose bibaye ngombwa Minisitiri ufite Ubuzima mu nshingano ze, Minisitiri ufite Imibereho Myiza mu nshingano ze, Impuzamashyirahamwe y'Abafile Ubumuga ikagenerwa kopi.

Ingingo ya 6: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri
kandi zinyuranyije naryo zivanyweho.

Ingingo ya 7: Igihe iri teka ritangira gukurikizwa

Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

**ITEKA RYA MINISITIRI N°20/19
RYO KUWA 27/7/2009 RIGENA
UBURYO BWO KOROHHEREZA ABAFITE
UBUMUGA MU KWIVUZA**

Minisitiri w'Ubuzima,

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 14, iya 120, iya 121 n'iya 201 ;

Ashingiye ku Itegeko n° 01/2007 ryo kuwa 20/01/2007 rirengera abantu bafite ubumuga muri rusange, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 17;

Ashingiye ku Itegeko n° 62/2007 ryo kuwa 30/12/2007 rishyiraho kandi rigena imiterere, imikorere n'imicungire y'ubwisungane mu kwivuza cyane cyane mu ngingo yaryo ya 30;

Inama y'Abaminisitiri yateranye kuwa 19/06/2009 imaze kubisuzuma no kubyemeza;

ATEGETSE:

Ingingo ya mbere: Icyo iteka rigamije

Iri teka rigena uburyo bwo korohereza abafite ubumuga mu kwivuza.

Ingingo ya 2: Ubwishingizi ku bafite ubumuga

Abafite ubumuga bufite uburemere bubashyira mu byiciro biri hagati ya 50% na 100% bishingirwa na Leta mu bijyanye n'ubwisungane mu kwivuza naho abafite ubumuga bubashyira mu cyiciro kiri hagati ya 30 % na 49% bishingirwa na Leta kuri
50% by' umusanzu w'ubwisungane mu kwivuza.

Ku byerekeye uruhare rw'ufite ubumuga mu kwivuza no kugura imiti, abari mu byiciro biri hagati ya 50% na 100% bishyurirwa na Leta naho abari mu cyiciro cyo hagati ya 30% na 49% batishoboye nabo bishyurirwa na Leta.

Ingingo ya 3: Inyunganirango n'insimburango ku bafite ubumuga

Guhabwa insimburango n'inyunganirango ku bantu bafite ubumuga bubashyira mu byiciro bitandukanye biteganywa n'Iteka rya Minisitiri n° 20/18 ryo kuwa 27/07/2009 rigena uko abafite ubumuga bashyirwa mu byiciro shingiro hakurikijwe ubumuga bwabo kugira ngo bifashe inzego zinyuranye kubagenera uburenganzira bwihariye, ntibigomba kurenza agaciro kagenwa n'Ikigo cy'ubwisungane mu kwivuza. Icyakora Leta yishingira byose ku bantu bafite ubumuga bufite uburemere bubashyira mu cyiciro kiri hagati ya 70 % na 100%.

Ibiteganyijwe mu gika cya mbere cy'iyi ngingo bikurikizwa no mu gihe cyo gusimbura cyangwa gusana insimburango n'inyunganirango.

Ingingo ya 4: Serivisi zihariye ku bafite ubumuga

Mu rwego rwo korohereza abafite ubumuga, buri Bitaro by'Akarere bigena serivisi yihariye yo kwita ku bafite ubumuga.

Umuntu ufite ubumuga buri hejuru ya
50% yoroherezwa kubona umuganga agannye mbere y'abandi banganyije ububabare. Ibi ntibikuraho ihame ryo kubanza kwita ku ndembe.

Ingingo ya 5: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije naryo zivanyweho.

Ingingo ya 6: Igihe iteka ritangirira gukurikizwa

Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

**ITEKA RYA MINISITIRI N° 03/19.19
RYO KUWA 27/7/2009 RIGENA
UBURYO BWO KOROHHEREZA ABAFITE
UBUMUGA KUBONA UMURIMO.**

Minisitiri w'Abakozi ba Leta n' Umurimo

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003, nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 14, iya 120, iya 121 n'iya 201 ;

Ashingiye ku Itegeko n° 01/2007 ryo kuwa 20/01/2007 rirengera abantu bafite ubumuga muri rusange, cyane cyane mu ngingo yayo ya 20;

Ashingiye ku Itegeko no 13/2009 ryo kuwa 27/05/2009 rigenga Umurimo mu Rwanda mu ngingo zaryo za 97, 98, 99 na 100; Inama y'Abaminisitiri yateranye kuwa 19/06/2009 imaze kubisuzuma no kubyemeza;

ATEGETSE :

Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije

Iri teka rigena uburyo bwo korohereza abafite ubumuga mu kubona umurimo.

Ingingo ya 2: Uburenganzira bw'ufite ubumuga mu guhabwa akazi

Usibye umwihariko uteganywa n'iri teka, ufite ubumuga afite uburenganzira bungana n'ubw'abandi bwo kubona akazi no guhabwa n'inzezo zinyuranye zishinzwe gutanga akazi ibyangombwa bituma ashobora gukora ako kazi.

Ingingo ya 3: Guhabwa amahirwe mu itangwa ry'umurimo

Mu itangwa ry'umurimo upiganirwa, mu gihe umuntu ufite ubumuga yanganyije amanota mu ipiganwa n'umuntu udafite ubumuga, ufite ubumuga niwe uhabwa amahirwe menshi yo kubona umurimo.

Mu itangwa ry'umurimo udapiganirwa, mu gihe umuntu ufite ubumuga anganya ubushobozi n'umuntu udafite ubumuga, ufite ubumuga niwe uhabwa amahirwe menshi yo kubona umurimo.

Nta wushobora kwima akazi cyangwa kwirukana mu kazi umuntu ufite ubumuga amuziza ko afite ubumuga.

Ingingo ya 4: Gukangurira abafite ubumuga kwihangira imirimo

Iyo abafite ubumuga barangije amashuri yisumbuye, Ibigo by'emyuga cyangwa amashuri makuru, Urwego rukusanya Amakuru ku Isoko ry'Umurimo (L M I S) rukora urutonde rwabo kugira ngo bakangurirwe gushaka akazi cyangwa bafashwe kwihangira imirimo hakurikijwe ibyo bize cyangwa icyiciro cy'ubumuga barimo.

Ingingo ya 5: Guha imidali abakoresha bahaye akazi abafite ubumuga

Abakoresha bazatanga akazi ku bantu bafite ubumuga ku buryo bagera nibura kuri gatanu ku ijana (5%) by'abakozi bose bagenerwa amashimwe ku mugaragaro agenwa na Minisitiri ufite umurimo mu nshingano ze.

Ingingo ya 6: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Ingingo zose z'Amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije naryo zivanyweho.

Ingingo ya 7: Igihe Iteka ritangirira gukurikizwa

Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

**ITEKA RYA MINISITIRI N° 01/09/
MININFOR RYO KUWA 10/08/2009
RIGENA UBURYO BWO KOROHHEREZA
ABAFITE UBUMUGA MU BIJYANYE
N'ITUMANAHO**

Minisitiri muri Premature Ushinzwe Itangazamakuru,

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003, nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 14, iya 120, iya 121 n'iya 201 ;

Ashingiye ku Itegeko n° 01/2007 ryo kuwa 20/01/2007 rirengera abantu bagite ubumuga muri rusange, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 26;

Inama y'Abaminisitiri yateranye kuwa 19/06/2009 imaze kubisuzuma no kubyemeza;

ATEGETSE :

Ingingo ya mbere : Icyo iri teka rigamije

Iri teka rigena uburyo bwo korohereza abafite ubumuga mu bijyanye n'itumanaho.

Ingingo ya 2: Ishyirwaho ry'uburyo bwo gusemurira abafite ubumuga

Itangazamakuru rya Leta n'iry'abikorera rikoresha amajwi n'amashusho, mu bushobozi bwaryo, rishyiraho uburyo bwo gusemurira abafite ubumuga kugira ngo babashe gukurikirana gahunda zaryo.

Ingingo ya 3: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Ingingo z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije naryo zivanyweho.

Ingingo ya 4: Igihe iteka ritangirira gukurikizwa

Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda .

Kigali, kuwa 10/8/2009